REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTAKA, IBIDUKIKIJE, AMASHYAMBA, AMAZI NA MINE

B.P 3502 KIGALI

POLITIKI Y'IGIHUGU Y'IBIDUKIKIJE

IJAMBO RY'IBANZE

Ibibazo byibasiye ibidukikije si ibya none, byatangiye kera bityo bituma Igihugu kigenda gifata ibyemezo byo kubungabunga ibidukikije mu bihe binyuranye. Ni muri urwo rwego ibikorwa byo gufata neza ubutaka, ibyo gushyiraho ahantu hakomye n'ibindi byatangiye ku gihe cya gikoroni bikanakomeza nyuma y'ubwigenge.

Nyamara, iyangirika ry'ibidukikije ryakomeje gukaza umurego kubera ubwiyongere bw'abaturage, isuri ikabije, gukoresha nabi umutungo kamere, gutema amashyamba, ibintu binyuranye bihumanya, kutagira politike inzego n'amategeko bihamye ndetse ku bw'umwihariko, jenoside yo muri 1994.

Kubera izo mpamvu, Guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda yasanze ari ngombwa kandi byihutirwa gushyiraho politike y'ibidukikije ishobora guteza imbere imibereho myiza y'abanyarwanda kandi umutungo kamere ugakoreshwa ku buryo burambye ndetse n'indiri z'ingenzi z'ibinyabuzima zikarindwa ku neza z'abariho ubu n'abazabakomokaho.

Politike y'ibidukikije igaragaza intego rusange n'izihariye ndetse n'amahame remezo bijyanye no gucunga neza ibidukikije haba mu rwego rw'Igihugu cyangwa urw'Uturere n'Imijyi hakurikijwe politike yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage n'imiyoborere myiza iriho ishyirwa mu bikorwa mu gihugu cyacu.

Iyi politike iteganya kandi ivugururwa ry'inzego n'iry'amategeko kugira ngo igihugu cyacu kigire inzego zuzuye kandi zihamye zo guhuza politike zihariye ndetse n'izambukiranya inzego zinyuranye. Politike kandi ifite ibintu bishya harimo gushyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe kurengera Ibidukikije na za Komite z'Intara, iz'Uturere n'iz'Imijyi zo kurengera ibidukikije. Ishyiraho nanone ingingo z'ibanze zo gushyiraho amategeko yo gucunga neza ibidukikije ndetse n'amahame atuma abaturage bagira uruhare muri rusange, by'umwihariko urubyiruko n'abategarugori.

Politike y'ibidukikije igaragaza imirongo ya Politike n'ingamba bijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage n'imitunganyirize y'imijyi n'icyaro, imicungire n'imikoreshereze y'umutungo kamere, inzego z'imibereho myiza n'ubukungu ndetse n'uburyo iyo politike izashyirwa mu bikorwa.

Politike y'ibidukikije igize urwego ruhuza inkingi eshatu z'amajyambere arambye arizo ibidukikije, imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu. Bityo, ikaba ijyanye n'ingamba z'igihugu zo kurwanya ubukene cyane cyane yibanda ku buzima bwiza ndetse n'ibidukikije.

Iyi politike yatunganyijwe na Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine imaze kubiganiraho n'inzego zinyuranye. Mu gutegura iyi nyandiko hifashishijwe inzego za Leta, amashami y'Umuryango w'Abibumbye n'imiryango itegamiye kuri Leta.

Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine irashimira by'umwihariko Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bidukikije (PNUE/UNEP) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana
(UNICEF) inkunga yayiteye.

Minisiteri kandi irashimira byimazeyo impuguke zo mu gihugu n'abantu bose bagize uruhare mu gutegura iyi politike. Minisiteri irahamagarira buri muntu wese kugira uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije,
Amashyamba, Amazi na Mine

MUGOREWERA Drocella

1. INTANGIRIRO

Ibidukikije ni urwego rwambukiranya inzego nyinshi kandi rugomba kwitabwaho mu iterambere ry'ubukungu n'iry'imibereho myiza kuko ruri mu nkingi eshatu z'amajyambere arambye. Kurwanya ubukene, igenamigambi ry'igihe kirekire, kubungabunga no gucunga neza umutungo kamere nizo ntego z'ingenzi za politike y'ibidukikije mu rwego rw'amajyambere arambye.

Ibidukikije bisobanura urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu, n'imibereho y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza, ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye, z'ako kanya cyangwa zitinda ku majyambere y'ahantu, ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu.

1.1 Imiterere y'urwego rw'ibidukikije

Mu Rwanda, kimwe n'ahandi hose ibidukikije bigizwe n'ibice bibiri, ibidukikije kamere n'ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu kandi bigengwa na politike, inzego z'ubuyobozi n'amategeko mu mikorere, mu kurindwa no mu micungire yabyo. Ibidukikije kamere bigizwe n'ubutaka n'ikuzimu, umutungo w'amazi, umwuka, urusobe rw'ibinyabuzima, ubwiza nyaburanga, ahantu nyaburanga n'inyubako. Ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu birebana n'imitunganyirize y'imijyi n'icyaro n'imibereho y'abantu.

1.1.1 Ibidukikije kamere

1.1.1.1 Ubumenyi bw'isi karemano.

Ibidukikije karemano by'u Rwanda birangwa n'aho u Rwanda ruherereye mu burasira zuba bw'Afurika yo hagati ya 1° 04' na 2° 51' (mu majyepfo ya koma y'isi) na 28° 45' na 31° 15' (Uburasirazuba). Ibintu by'ingenzi bigize ibidukikije keremano by'u Rwanda biri ku buso bungana na km² 26338 kandi birangwa ahanini n'ubutumburuke bw'imisozi, ubutaka, imiterere y'ikirere, ibimera n'amazi.

- **Imiterere y'imisozi**

Imiterere y'imisozi yo mu Rwanda iranyuraranye. Uvuye i burasirazuba ugana iburengerazuba ubutumburuke buri hagati ya m 1000 na 4500. Iburasirazuba burangwa n'imisozi migufi, mu gihugu hagati n'imisozi iringaniye n'aho mu burengerazuba n'imisozi miremire.

- ***a) Isunzu rya Kongo Nili :***

Ni uruhererekane rw'imisozi ifite ubutumburuke buri hagati ya m 2500 na 3000. Iryo sunzu ricuramiye ikiyaga cya Kivu, rigabanya amazi y'u Rwanda mu bice bibiri : amazi yisuka mu kibaya cy'uruzi rwa Kongo mu burengerazuba n'amazi yisuka mu kibaya cya Nili mu burasirazuba.

Isunzu rya Kongo Nili, mu majyaruguru hashyira i burengerazuba, higanje uruhererekane rw'imisozi y'ibirunga bitanu harimo ikirunga kibisumba byose aricyo Karisimbi gifite ubutumburuke bungana na m 4507.

- ***b) Ibitwa byo mu gihugu hagati :***

Ibitwa byo mu gihugu hagati bifite ubutumburuke buri hagati ya m 2000 na 1500 kandi bigizwe ahanini n'imisozi ifite udusongero dusongoye cyangwa twibumbye. Iyo misozi itandukanywa

n'imibande ifite ubujyakuzima buri hagati ya metero 50 na 15 kandi irimo kenshi ubutaka bwaturutse ku misozi kubera isuri.

c) Imisozi migufi y'iburasirazuba :

Aho hantu haciye bugufi harangwa ahanini n'imisozi ifite ubutumburuke buri hagati ya metero 1500 n'i 1100.

d) Imisozi migufi y'amajyepfo y'uburengerazuba mu kibaya cya Bugarama :

Iyo misozi iri mu gisate cya Rifuti (Rift Albertin) y'Afurika kandi ifite ubutumburuke bwa metero 900.

❖ **Imiterere y'ibihe n'ikirere**

U Rwanda rurangwa n'ibihe by'igihugu biri munsi ya koma y'isi bidakora ku nyanja ariko imihindagurikire y'ibihe byo mu Rwanda bigengwa n'ubutuburuke bw'imisozi. Ubushyuhe ntabwo buhindagurika cyane.
Mu mwaka, ubushyuhe buba buri hagati ya 16°C na 17°C mu bice by'imisozi miremire, hagati ya 18°C na 21° C mu bitwa byo mu gihugu hagati na 20°C kugeza kuri 24°C mu bice by'imisozi migufi y'iburasirazuba n'iy'iburengerazuba. Imvura igwa mu mwaka iri hagati ya mm 700 na mm 1400 mu duce tw'imisozi migufi yo mu burasirazuba n'iburengerazuba, no hagati ya mm 1200 na mm 1400 mu duce tw'ibitwa byo mu gihugu hagati no hagati ya mm 1400 na mm 2000 mu duce tw'imisozi miremire.

Imvura igwa igira uruhare runini ku mazi yo mu migezi, ibiyaga n'ibishanga. Imyuzure mu gihe cy'itumba riba mu kwezi kwa Werurwe rikagera muri Gicurasi naho ikamuka rikaba mu gihe cy'impeshyi iba kuva mu kwezi kwa Kamena kugera muri Nzeri.

U Rwanda rugenda ruhura n'amapfa maremare kandi agenda agaruka mu duce tw'iburasirazuba n'amajyepfo y'iburasirazuba. Iyo mihindagurikire ifitanye isano n'iyo dusanga mu rwego mpuzamahanga itewe n'ishyuha rusange ry'umubumbe w'isi.

❖ **Imigezi y'u Rwanda**

U Rwanda rufite imigezi myishi igabanyijemo ibice bibiri. Hari imigezi yisuka mu kibaya cy'uruzi rwa Kongo n'indi yisuka mu kibaya cy'uruzi rwa Nili. Imigezi yo mu kibaya cy'uruzi rwa Kongo ni migufi irimo amazi make kandi yisuka mu kiyaga cya Kivu.

Amazi y'umugezi wa Rusizi aturuka mu Kiyaga cya Kivu. Amazi menshi ajya mu kiyaga cya Kivu aturuka mu mugezi wa Ruhwa ugize umupaka w'u Rwanda n'u Burundi mu gice cy'iburengerazuba naho mu gice cy'amajyaruguru amazi ajya mu kiyaga cya Kivu ava mu mugezi wa Sebeya mu Ntara ya Gisenyi.

Ikibaya cy'uruzi rwa Nili nicyo gifite igice kinini cy'amazi yo mu Rwanda. Imigezi minini yo mu Rwanda ariyo Nyabarongo n'Akanyaru ndetse n'indi myinshi iyisukamo niyo igize uruzi rw'Akagera iturutse mu kiyaga cya Rweru.

Iyo migezi ihererekanya amazi hagati yayo n'ibishanga binini n'ibiyaga bitari birebire ujya ikuzimu.

❖ **Ibimera**

Ibimera bigenda binyurana kubera imiterere y'ubutaka n'imigwire y'imvura. Urusobe rw'ibimera rugenda rugaragara uherereye ku ishyamba ry'inzitane ry'imisozi miremire y'iburengerazuba ugana mu duce tw'umukenke two mu burasirazuba (tujya kumagara).

1.1.1.2 Umutungo kamere w'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima.

1.1.1.2.1. Ubutaka n'ikuzimu

Mu Rwanda ubutaka ni umutungo ufite agaciro katagereranwa.

Bufite umwanya wa mbere mu bukungu bw'igihugu kubera ko abaturage barenga 90% babukoresha kandi bukaba butanga 93% by'ibintu byoherezwa mu mahanga. Nyamara ku buso bwose bungana km² 26338 hakoreshwa 52% ni ukuvuga hafi hegitari 165.000. Umutungo w'ubutaka ni muke cyane kandi arifuzwa cyane.

Mu mwaka w'i 1998, ikigeraranyo cy'ubuso bw'ubutaka buhingwa cyanganaga na hegitari 825 ni ukuvuga 60% by'ubutaka bushobora guhingwa. Magingo aya, ubuso bw'ubutaka buhingwa na buri muryango bungana na ha 0,60 ibyo bigatuma haba imikoreshereze y'ubutaka irengeje urugero ndetse n'imikoreshereze mibi y'ubutaka bigira ingaruka mbi ku mutungo w'ubutaka no ku bidukikije muri rusange.

Imiterere y'ubutaka bw'u Rwanda irangwa n'amatsinda atandatu :

1. Ubutaka buturuka ku bishonyi, ku masarabwayi no ku monyi : Bujya kuba 50% by'ubutaka bw'u Rwanda ;

2. Ubutaka buturuka ku rutare n'andi mabuye ajya gusa narwo buri kuri 20% by'ubuso bw'Igihugu ;

3. Ubutaka buturuka ku ... buboneka ahantu hatarenze 10% by'ubuso bw'Igihugu ;

4. Ubutaka buturuka ku makoro yo mu majyaruguru y'Igihugu bugize 10% by'ubuso bw'Igihugu ;

5. Ubutaka buturuka ku makoro y'amajyepfo agana iburengerazuba bugize 4% by'ubuso bw'igihugu ;

6. Ubutaka buturuka kw'isuri cyangwa ku nkangu buboneka mu bishanga kandi bugize 6% bw'ubuso bw'Igihugu.

Mu nsi y'ubutaka bw'u Rwanda ariho ikuzimu haboneka amabuye y'agaciro nka Gasegereti, wolufurama, coluta, zahabu bicukurwa mu buryo bucirirtse.

Hari kandi andi mabuye akoreshwa mu nganda no mu bwubatsi nayo acukurwa mu buryo buciritse.

Kuva mu mwaka w'1999 kugeza mu 2001, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwagize uruhare runini mu bukungu bw'Igihugu.

Ku byerekeye ubucuruzi n'amahanga, amabuye y'agaciro yinjije amafaranga mu gihugu ku buryo bukurikira : 1999: 5,9%; 2000: 12,56%; 2001: 42,64%

Mu mwaka w'2001 ubwo bucuruzi bwari ku mwanya wa kabiri, bukurikira ubw'ikawa.

1.1.1.2.2. Ahantu hahehereye

Ahantu hahehereye ho mu Rwanda hagizwe n'ibishanga, ibiyaga n'imigezi hangana na 14,9% by'ubutaka bw'igihugu harimo 6,3% h'ibishanga na 8,6% h'ibiyaga, imigezi n'ibidendezi bihoraho cyangwa bibaho mu bihe bimwe na bimwe.

Mu duce tw'imisozi miremire y'amajyaruguru y'uburengerazuba uhasanga ibiyaga bya Bulera na Ruhondo ndetse n'igishanga cya Rugezi.
Mu gihugu hagati n'iburasirazuba hari ibishanga binini bya Nyabarongo, Akanyaru n'Akagera. Ibiyaga byo muri ako gace bihererekanya amazi n'iyo migezi kandi ibyinshi biri muri Pariki Nasiyonali y'Akagera. Kuva mu majyepfo y'iburasirazuba kugera mu majyaruguru y'iburengerazuba uhansanga ibiyaga bya Cyohoha y'amajyepfo, Mugesera, Rweru, Sake, Cyambwe, Ihema, Mihindi, Rwanyakizinga, Kivumba n'ibindi.

Ahantu hahehereye hakora imirimo myinshi kandi hafitiye akamaro umuntu.

Mu mirimo hakora hari nko guhagarika no kugenzura imyuzure, kongera amazi y'ikuzimu no kuba indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima.

1.1.1.2.3 Amashyamba n'ahantu hakomye

U Rwanda rufite indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima zinyuranye: indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima kamere zigizwe n'amashyamba y'inzitane yo mu misozi miremire, amashyamba mato yo mu duhanga tw'imisozi , umukenke, ahantu hahehereye n'amashyamaba y'matereno.

Izo ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zikungahaye ku bimera n'inyamaswa z'agasozi.

- **Ahantu hakomye, ahantu harinzwe**

Ahantu hakomye ho mu Rwanda hagizwe n'Ishyamaba rya Cyimeza rya Nyungwe, Pariki Nasiyonali y'Akagera, Pariki Nasiyonali y'Ibirunga na Pariki Nasiyonali y'Akagera n'aho hantu harinzwe ho mu Rwanda hagizwe n'ishyamba rya cyimeza rya Mukura, n'amashyamba ya Cyamudongo, Busaga, Umukenke wo mu burasirazuba. Ishyamba rya cyimeza rya Gishwati ryo riri hafi kuzimangatana.

(i) Parki Nationali ya Nyungwe.

Parki Nationali ya Nyungwe ni ishyamba cyimeza riri mu majyepfo y'iburasirazuba bw'u Rwanda kandi riri hejuru y'inkombe z'ikiyaga cya Kivu. Iryo shyamba rifatanye na Pariki Nasiyonali ya Kibira yo mu gihugu cy'u Burundi kandi rishobora kuba ari ryo shyamba ry'inzitane ryo mu misozi minini kandi miremire muri Afurika yose ; ryari rifite ubuso bwa km² 924 mu mwaka w'i 2000.

Iryo shyamba riri mu misozi ifite m 1600 na m 2950 kandi ririmo amoko menshi y'ibimera abana n'amoko anyuranye y'inyamaswa ; agizwe ahanini n'inyoni n'ingunge.

Ishyamba cyimeza rya Nyungwe ni kimwe mu bigega by'amazi y'u Rwanda: ritanga hafi 60% by'amazi y'u Rwanda. Ikindi kandi isoko ry'uruzi rwa Nili iri muri iryo shyamba.

(ii) Pariki Nasiyonali y'Ibirunga

Pariki Nasiyonali y'Ibirunga iri mu majyepfo y'uruhererekane rw'ibirunga rugize umupaka utandukanya u Rwanda, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo na Uganda.

Iyo Pariki igizwe n'ibimera byihariye byo mu misozi miremire, igwamo imvura nyinshi kandi ibipimo by'ubushyuhe byerekana ko hahehereye. Pariki y'Ibirunga ni yo ndiri yonyine ibonekamo Ingagi zo mu misozi miremire (Gorilla Berengei).

Muri iyo Pariki kandi harimo andi moko y'ibinyabuzima gakondo n'andi arinzwe mu rwego rw'amasezerano mpuzamahanga abuza ubucuruzi bw'amoko y'ibinyabuzima biri hafi gucika burundu (CITES).

Iyo Pariki ibonekamo kandi amoko menshi y'ibimera, inyamaswa zonsa, inyoni, ibikururanda, ibikeri n'udukoko duto tunyuranye.

(iii) Pariki Nasiyonali y'Akagera.

Pariki Nsiyonali y'Akagera iri mu gace k'iburasirazuba bw'u Rwanda. Ifite ubuso bungana hafi na hegitari ha 90.000 kandi irimo amoko menshi y'ibimera, inyamaswa zonsa nini, ibikeri n'ibikururanda.

(iv) Amashyamba y'ibisigara n'umukenke byo mu burasirazuba.

Amashyamba y'ibisigara ari mu nkengero za Pariki y'Akagera arimo ubwoko gakondo butandukanye bw'ibinyabuzima bw'imbonekarimwe bukoreshwa kenshi mu buvuzi bwa gihanga.

- **Amashyamba y'amatereno**.

Amashyamba y'amaterano yatewe hagati ya 1920 na 1948 kandi agizwe ahanini n'intusi ariko hari ubundi bwoko bw'ibiti nka Gereveriya, Cedrella, Callianda bugenda bukwirakwizwa.

- **Indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima rwo mu buhinzi n'ubworozi**.

Inzuri n'imirima ihingwa bigize 70% by'ubutaka bw'igihugu.
Ubutaka bwose bushobora guhingwa bukoreshwa mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi. Ubwo butaka buriho ibihingwa bimara igihe kirekire ndetse n'andi moko y'ibihingwa n'amatungo anyuranye. Mu Rwanda uhasanga cyane cyane ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu.

Amoko gakondo aracyaboneka mu ndiri y'urusobe rw'ibinyabuzima mu buhinzi n'ubworozi ariko bigaragara ko amoko menshi y'ibihingwa yaturutse cyangwa atumizwa mu mahanga.

Ku byerekeye ubworozi, haracyari igice kinini cy'ubworozi gakondo bukorwa mu rwego rw'imiryango.
Nyamara, mu moko y'amatungo yororerwa mu Rwanda usangamo amoko y'inka cyangwa y'ihene yaturutse mu mahanga.

1.1.1.3 Urusobe rw'ibinyabuzima

U Rwanda rufite urusobe rw'ibinyabuzima rwinshi kandi rutandukanye muri urwo rusobe harimo ubwoko bw'ibimera n'inyamaswa ; bimwe muri ibyo biri ku rutonde rw'amoko arengerwa mu rwego mpuzamahanga n'amasezerano ya Washington azwi ku izina rya CITES (Convention on International Frade of Endagered Species).

(i) Mu ishyamba rya Nyungwe uhasanga amoko 1250 y'ibimera harimo amoko 50 y'ibishihe, amoko 133 ya « Orchidées » indabo z'agahebuzo, amoko 275 y'inyoni (orchidées : indabo z'agahebuzo harimo amoko 24 gakondo.

(ii) Muri Pariki Nasiyonali y'Ibirunga usangamo 245 y'ibimera harimo amoko 13 ya zirinzwe mu rwego mpuzamahanga, 115 y'inyamaswa zonsa harimo Ingagi zo mu misozi zirenze 650, amoko 187 y'inyoni, amoko 27 y'ibikururanda n'imitubu, n'amoko 33 y'udukoko.

(iii) Pariki Nasiyonali y'Akagera.
Muri Pariki Nasiyonali y'Akagera usangamo amoko 900 y'ibimera harimo atandatu ya orchidéesi : ndabo z'agahebuzo, amoko 500 y'inyoni, amoko 9 y'ibikeri n'amoko 23 y'ibikururanda.

(iv) Amashyamba yo mu duhaga tw'imisozi. Mu mashyamba yo muduhaga tw'imisozi uhasanga amoko gakondo y'imbonekarimwe kandi akoreshwa mu buvuzi gakonda no mu buvuzi bwa kijyambere.

(v) Mu duce duhehereye, uhasanga amoko 104 y'ibimera n'amoko menshi y'inyamaswa.

1.1.1.4 ibibyara ingufu

Ingufu zikoreshwa mu Rwanda ziboneka ku buryo butandukanye ariko izikomoka ku bimera nizo zikoreshwa cyane kuko zihariye hafi 94% by'ingufu zose zikoreshwa mu gihugu.

Ibikomoka ku biti n'ibindi bimera bikoreshwa nk'ingufu zibanze haba mu guteka, mu nganda no mu bukorikori.
Gutunganya no gukoresha gazi metani yo mu kiyaga cya Kivu n'igikorwa cy'ingenzi kizafasha kubona ingufu zisimbura izisanzwe zikoreshwa zikomoka ku biti, amakara. Iyo gazi kandi izakoreshwa mu gukora ifumbire mvaruganda. U Rwanda rufite nyiramugengeri ingana na toni 155.000.000 nayo ishobora gukoreshwa mu gusimbura ingufu zikomoka ku biti, amakara n'ibikomoka kuri peterori.

Ku byerekeye ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba, u Rwanda ruvamwo izuba rihagije ryabyara amashanyarazi yakoreshwa mu cyaro no mu mirimo imwe n'imwe yo mu nganda nko kumisha ibintu bimwe na bimwe.

Ingufu zikomoka ku muyaga ntizizwi neza kuko zitarakorerwa ubushakashatsi : Urufunzo narwo rushobora gusimbura ingufu zikomoka ku bindi bimera ariko akenshi aho rwari ruri harahinzwe. U Rwanda kandi rufite imigezi myinshi yakubakwaho ingomero ntoya zitanga umuriro w'amashanyarazi.

1.1.2 Ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu

(i) Mu gihugu

- **Imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu.**

Hakurikijwe ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ryo muri Kanama 2002, u Rwanda rutuwe n'abaturage bangana na 8.128.553 ku buso bwa km² 26.338 ni ukuvuga ubucucike buhanitse muri Afurika kandi u Rwanda ari igihugu kidakungahaye ku mutungo kamere n'ikoranabuhanga rikaba ritaratera imbere.

Bitewe n'uko ubuso nyabwo bukoreshwa ari km² 18.740, ubucucike bw'abaturage nyakuri ni 433 kuri Km².
U Rwanda rero rukaba ruri mu bihugu bituwe kurusha ibindi muri Afurika aho ubwiyongere bw'abaturage bufite uruhare runini mu iyangirika ry'umutungo kamere by'umwihariko ubutaka buhingwa n'amashyamba. Ikindi kandi u Rwanda ruracyafite umubare munini w'abantu batazi gusoma no kwandika n'abantu benshi badafite ubuzima buzira umuze kubera ko ibikorwa remezo nk'amazi, amashanyarazi, imihanda n'itumanaho, amavuriro bidahagije.

Ku byerekeye ubukungu, u Rwanda ni kimwe mu bihugu bikennye cyane byo ku isi. Ubukungu bwarwo bushingiye ahanini ku buhinzi. Abaturage barenga 90% batunzwe n'ubuhinzi bakesha amaramuko. Ubuhinzi bufite uruhare rwa 40% by'umusaruro w'imbere mu gihugu wanganaga n'amadorari y'Abanyamerika 210 mu mwaka w'i 2000. Ubuhinzi kandi bufite hafi 90% by'amafaranga akomoka ku byoherezwa mu mahanga. Urwego rw'inganda narwo ntiruratera imbere kuko rukoresha gusa abakozi bangana na 2% by'abashobora gukora akazi harimo 0,2% by'abari n'abategarugori.

Urwego rw'imirimo rukoresha 6,6 kandi muri bo 4,1% ni abagabo naho 2,5% ni abagore. Urwego rw'ubukorikori n'imyuga rutanga 79,80% by'imirimo naho abakozi ba leta n'ab'ibigo biyishamikiyeho bangana na 2,4% mu mujyi wa Kigali. Umubare w'abashomeri uriyongera kandi aho umutungo w'amafaranga ukomoka ni hake.
Ubukungu bw'abaturage burushaho kuba bubi kandi n'ubukene ntibusiba kwiyongera.

Ku byerekeranye n'imiturire, ibikorwa remezo by'ibanze mu iterambere rusange ry'igihugu bigizwe nayo. Mu Rwanda hari imiturire yo mu cyaro n'iyo mu mijyi, ariko yombi irangwa n'akajagari. Mu cyaro imiturire iratatanye. Kuva kera yaranzwe no kubaka mu kajagari ntakwita ku miterere y'ahantu n'ibidukikije bityo ubutaka bugapfushwa ubusa n'isuri ikaboneraho.

Mu kuboza 1996 Guverinoma y'u Rwanda yemeje politike yo gutuza abantu begeranye mu midugudu hitaweho kurengera ibidukikije, gukoresha neza ubutaka no gutura heza.

Politike y'imitunganyirize y'imijyi iriho irategurwa kandi igamije guca utujagari no guteza imbere isuku, umutekano, imiturire myiza, ibikorwa remezo bijyanye n'imibereho myiza n'ubukungu.

Hari ibikorwa byinshi bishimishije mu gutegura ibishushanyo mbonera by'imijyi mu rwego rwo gukemura ibibazo bikururwa n'utujagari hakurikijwe amategeko agenga imitunganyirize y'imijyi no kurengera ibidukikije.

- **Uburyo ibidukikije byagiye byitabwaho mu Rwanda.**

Guhagurukira kwita ku bidukikije mu Rwanda byatangiye mu gihe cy'ubukoroni aho ibikorwa byo kurinda no kubungabunga ibidukikije byakozwe mu bihe bitandukanye.

Mu by'ukuri, mu mwaka w'i 1920 hatangijwe ibikorwa byo gutera amashyamba hanyuma hashyirwaho Pariki ya Albert mu 1925, hakomwa ishyamba rya cyimeza rya Nyungwe mu 1933 naho Pariki Nasiyonali y'Akagera ijyaho mu 1935. Ibi bikorwa byari bigamije kurengera ibidukikije byakurikiwe na gahunda irambuye yo gufata neza ubutaka yakozwe n'ikigo cyitwaga INEAC (cyaje guhinduka ikigo cy'ubushakashatsi ku buhinzi (ISAR). Iyo gahunda yatangiye mu 1937 muri za sitasiyo z'ubushakashatsi mbere yo gukwirakwiza mu gihugu cyose mu 1947 aho imirimo yo gufata neza ubutaka byagizwe agahato n'amategeko ya gikoroni. Iyo politike yaje gucika mu gihe cy'ubwigenge kuko yafatwaga nk'uburetwa.

Nyuma y'ubwigenge cyane cyane mu mwaka w'i 1977 hatangijwe za porogaramu z'ibikorwa byo kurengera ibidukikije hakurikijwe insanganyamatsiko za buri mwaka : Gutura heza (1977), Ubworozi (1978), kurinda no Gufata neza ubutaka (1980), Amazi meza(1981), Kurwanya isuri (1982), gutera amashyamba (1983). Nanone mu 1983 niho hashyizweho ishami ry'isuku n'ibidukikije muri Minisiteri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage. Iyo Minisiteri yakoresheje inama ya mbere y'ibidukikije yo ku rwego rw'Igihugu mu 1985.

Iyo nama yasabye ko hashyirwaho ingamba z'Igihugu zo kurengera ibidukikije zateguwe kuva mu 1988 kugeza mu 1989, zemezwa n'inama y'Abaminisitiri yateranye muri Gicuransi 1991. Izo ngamba zari zigamije:

a) Gutuma Igihugu gihuza ubwiyongere bw'abaturage n'umutungo kandi ibidukikije bikitabwaho ;

b) Kugira uruhare mu guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'Abaturage mu buryo burambye kandi bwuzuzanya kugira ngo, haba mu cyaro cyangwa mu mujyi, umugabo n'umugore bisanzure kandi babeho neza mu bidukikije byiza bizira ubusembwa kandi bishimisha buri wese kubibamo.

c) Kurinda, kubungabunga no kubyaza umusaruro umutungo kamere n'ibikorwa bireba buri wese.

Mu 1989, hashyizwe muri Minisiteri y'Igenamigambi, umushinga witwa "Ibidukikije n'Amajyambere" waje guhinduka nyuma servisi y'Igihugu y'ibidukikije ari nayo yabaye ikubitiro ryo gushyiraho Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo (MINETO) mu 1992 yari ifite inshingano zo guhuza ibikorwa by'ibidukikije mu nzego zinyuranye. Muri uwo mwaka, u Rwanda rwitabiriye inama mpuzamahanga yerekeye Amajyambere arambye n'ibidukikije yateraniye i Rio de Janeiro (Brezili).

Hashyizweho kandi icyumweru cy'ibidukikije cyaje cyiyongera ku ishyirwaho ry'ikigo cy'Igihugu cy'Abaturage (1981), umunsi w'Igiti (1980), umunsi w'Amazi (22 Werurwe), umunsi w'Ubumenyi bw'Ikirere (23 Werurwe), umunsi w'Urusobe rw'ibidukikije (22 Gicurasi) n'ibindi. Umwaka wa 1992 waranzwe nanone n'itangizwa ry'imirimo yo gutegura umushinga w'Itegeko ry'Ibidukikije.

Jenoside yo mu w'i 1994 yahagaritse ibikorwa byose byari byatangijwe. Ibyo bikorwa byaje gusubukurwa na Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda. Ni muri urwo rwego hemejwe burundu amasezerano mpuzamahanga arebana no kurengera no kubungabunga ibidukikije.

Mu w'i 1996, havuguruwe gahunda y'Igihugu yo mu kinyejana cya 21 hamwe n'Ingamba z'Igihugu ndeste na gahunda y'ibikorwa byo kurengera ibidukikije.

Kubera ivugurura rya Guverinoma ryo kuwa 28/03/1998 n'iryo kuwa 8/2/1999, ibidukikije byabanje gushyirwa muri Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi, Ibidukikije n'Amajyambere y'Icyaro hanyuma byimurirwa muri Minisiteri y'Ubutaka, Gutuza Abantu no kurengera Ibidukikije. Inshingano z'ingenzi zatanzwe ni izo gushyiraho politike n'amategeko bijyanye no kurengera ibidukikije.

Nanone, mu mwaka w'i 2001, Minisiteri yongerewe ingufu hashyirwaho Ubunyamabanga bwa Leta bushinzwe kurengera ibidukikije, bwakoze kuva tariki ya 15/08/2001 kugeza kuya 15/11/2002. Bwaje kongera gusubiraho ku itariki 20 Ukwakira 2003 hiyongereyeho n'ubutaka.

Hashyizweho kandi ikigo cy'igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije ((REMA) kizaba urwego rwo gushyira mu bikorwa za politike n'amategeko ijyanye no kurengera ibidukikije.

- **Amategeko n'inzego z'ubuyobozi**

Mu rwego rw'amategeko n'inzego z'ubuyobozi, Itegeko Ngenga rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije rishigaje gutangazwa mu igazeti ya Leta ngo ritangire gukurikizwa. Hakurikizwaga amategeko ahariho kandi atatanye arengera bimwe mu bigize ibidukikije. Ni muri urwo rwego hariho amategeko arengera amashyamba; ingingo eshatu ziri mu gitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda zigena imicungire y'umutungo kamera nk'amazi, ubutaka n'amashyamba, itegeko ryo gufata neza ubutaka, itegeko rigenga ibigo bihumanya; itegeko rigenga uburobyi, itegeko ribuza ibintu bihumanya amasoko, ibiyaga, imigezi n'ibice byayo. Hari ho kandi amategeko arinda kandi akagena imicungire y'ahantu hakomye, amashyamba cyimeza n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Hakurikijwe Itegeko Nshinga ryemejwe n'abaturage muri referandumu yabaye ku wa 26 Gicurasi 2003 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 49 yerekeye kurinda no kubungabunga ibidukikije hari icyizere ko hari byinshi bizahinduka mu rwego rw'amategeko n'inzego z'ubuyobozi.

Imishinga y'amategeko nayo iriho; urugero n'umushinga w'itegeko rigenga amazi, Umushinga w'itegeko rigenga isuku n'isukura, Umushinga w'itegeko rishyiraho Pariki Nasiyonali y'Akagera, Umushinga w'itegeko rigena imikoreshereze y'ubutaka bw'ibishanga n'imishinga y'amategeko agenga inganda n'ubucuruzi.

Ku byerekeranye n'inzego z'ubuyobozi, Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine ni yo ishinzwe gushyiraho politike n'amatageko yo kurinda no kubungabunga ibidukikije. Ni nayo ishinzwe guhuza ibikorwa byose byo kurengera ibidukikije kandi igakurikirana ingaruka z'ibikorwa by'amajyambere ku bidukikije.

Izindi Minisiteri zigira uruhare mu kurengera ibidukikije ni Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukererugendo n'Amakoperative (MINICOM), Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) ndetse n'ibigo bya Leta nk'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubukererugendo na Pariki Nasiyonali (ORTPN), Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuziranenge (ORN). Ibigo by'amashuri makuru n'ubushakashatsi nka Kaminuza y'u Rwanda (UNR), Ishuri Rikuru rya Kigali ry'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Icungamari (KIST), Ikigo cy'Ubushakashatsi mu Bumenyi n'Ikoranabuhanga (IRST), Imiryango itegamiye kuri Leta yaba iyo mu gihugu cyangwa mpuzamahanga n'imiryango y'ubutwererane nk'Ikigega Mpuzamahanga cy'Ibidukikije, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Majyambere (PNUD/UNDP), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bidukikije (PNUE/UNEP), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa n'Ubuhinzi (FAO), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi n'Abana (UNICEF), Banki y'Isi (BM /WB)n'ibindi.

(ii) Mu rwego rw'Akarere no mu rwego Mpuzamahanga

Amasezerano Mpuzamahanga arengera ibidukikije hafi ya yose u Rwanda rumaze kuyemeza burundu kandi rusabwa kuyashyira mu bikorwa ingingo ku yindi kugira ngo rurengere, rubungabunge kandi rufate neza ibidukikije byo mu rwego rw' Igihugu, Akarere ka Afurika no mu rwego rw'Isi. Urutonde rukurikira rurekana amasezerano yemejwe burundu n'igihe yemerejweho burundu:

1. Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Urusobe rw'Ibinyabuzima, CBD (18/3/1995);
2. Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Imihindagurikire y'Ibihe, CCNUCC (30/5/1998);
3. Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo Kurwanya Ubutayu (1998) ;
4. Amasezerano Mpuzamahanga ya Vienne n'aya Montréal yerekeye kurinda Akayunguruzo k'Imirasire mibi y'izuba (2001);
5. Amasezerano Mpuzamahanga ya Stocklolm yerekeye Amoko y'Ibintu Bihumanya kandi Biramba, POPS
   (04/06 2002)
6. Amasezerano Mpuzamahanga ya RAMSAR yerekeye ahantu haherereye hafite akamaro mu rwego mpuzamahanga, ku bw'umwihariko indiri y'inyamaswa zo mu gasozi (29/12/2003).
7. Amasezerano Mpuzamahanga ya yerekeye kurengera inyamaswa zo mu gasozi zihora zimuka, CMS (2003) ;

8. Amasezerano Mpuzamahanga ya Rotterdam yerekeye gushyiraho Uburyo Bwumvikanyweho n'Ibihugu mu Bucuruzi Mpuzamahanga bw'Imiti Ikoreshwa mu Buhinzi n'Ibindi Bintu Bishobora Guhumanya, PIC (24/08/ 2003);

10 Amasezerano Mpuzamahanga ya Bâle yerekeye Igenzura ry'Imyanda yambukiranya Imipaka kandi Ihumanya n'uburyo yavanwaho (24/08/2003) ;

11 Amasezerano y'Inyongera ya Cartagena yerekeyeUmutekano w'Urusobe rw'Ibinyabuzima (29/12/2003);

12 Amasezerano y'inyongera ya Kyoto yo ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye Imihindagurikire y'Ibihe (2004).

2. IBYEREKEZO RUSANGE

(i) Ibidukikije n'icyerekezo cya 2020

Kurengera no gucunga neza ibidukikije biri mu nkingi y'icyerekezo cya 2020. Guhera ubu kugeza mu mwaka w'i 2020, Guverinoma irashaka kubaka Igihugu aho kwangiza umutungo kamere cyane cyane ubutaka, amazi n'urusobe bw'ibinyabuzima bizaba byagabanutse ku buryo bugaragara kandi ihumana cyangwa iyangirika ry'ibidukikije bikavaho.

Gucunga no kurengera umutungo kamere n'ibidukikije bizakorwa neza kandi bigengwe n'amategeko kugira ngo tubibungabunge kandi tuzahe uwo mwanya w'ibanze, mu bijyanye n'amajyambere arambye, abazadukomokaho.

Niyo mpamvu, mu rwego rwo kurengera no gucunga neza umutungo kamere n'ibidukikije, Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda yihaye intego y'uko guhera ubu kugeza mu mwaka w'i 2020, ingo zitunzwe n'ubuhinzi zigomba kugabanuka zikava kuri 90% zikagera nibura kuri 50%, ko Igihugu kizaba gifite amategeko nyayo avuguruye kandi ajyanye no kurinda no gucunga ku buryo burambye, umutungo kamere, kugabanya ho 60% indwara zikomoka kw'iyangirika ry'ibidukikije no kugabanya uruhare rw'ingufu zikomoka ku biti, rukava kuri 94% rukagera kuri 50% by'ingufu zikoreshwa mu gihugu.

Mu gushyira mu bikorwa iyo ntego, ibidukikije bizitabwaho by'umwihariko muri za Politike na porogaramu z'uburezi izo gukangura abantu, iz'amajyambere ndetse n'inzego zose zifata ibyemezo.

Hazatezwa imbere nanone uruhare rw'abaturage mu gucunga ibidukikije by'umwihariko abari, abategarugori n'urubyiruko. Ibikorwa byose bizarangwa n'amahame y'uburinganire hagati y'ibitsina ndetse n'uburyo abantu bagenda basimburana ku isi. Amahame nanone azakurikizwa ni ajyanye no kwirinda ndetse no kwishyura ibyangijwe kugira ngo hagaragazwe uruhare rwa buri muntu cyangwa rwa rusange.

Ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza, kwemeza no gusakaza tekinoloji zo kurengera ibidukikije bizaba ibikorwa by'ingenzi bya Guverinoma haba mu rwego rw'igihugu cyangwa cy'uturere. Ubufatanye n'ubutwererane bwo mu rwego rw'akarere na mpuzamahanga buzatezwa imbere kandi buhabwe ingufu kugira ngo bugire uruhare mu kurengera no gucunga ibidukikije.

Inzego za Leta zishinzwe kurengera no gucunga ibidukikie zizongererwa ingufu kandi uruhare rw'abikorera ku giti cyabo ndetse n'imiryango itegamiye kuri Leta ruzagaragazwa neza kandi rwiyongere kugira ngo ibikorwa byo kurengera ibidukikije birusheho kunozwa no guhuzwa neza.

(ii) Kurwanya ubukene no Gucunga ibidukikije

Kurwanya ubukene bisaba kongera ubukungu, niyo mpamvu hagomba kugaragarazwa neza uruhare rw'ibidukikije mu rwego rwo guteza ubukungu imbere kuko uburyo umutungo kamere ukoreshwa bugira ingaruka ku bidukikije.

Isano iri hagati y'iyangirika ry'ibidukikije no kurwanya ubukene riragaragara. Mu by'ukuri, abakene bakesha ubuzima bwabo umutungo kamere kugira ngo bashobore kubaho. Nibo kandi ingaruka z'iyangirika ry'ibidukikije zibasira kenshi zivuye nko kw'ihumana ry'amazi n'umwuka, ku myanda ihumanya n'ibindi. Ikindi by'umwihariko abakene nibo bibasirwa n'impanuka kamere nk'imyuzure, amapfa mu turere tw'iburasirazuba n'iburasirazuba bw'amajyepfo, iruka ry'ibirunga ndetse n'amakimbirane ashingiye ku micungire y'umutungo kamere cyane cyane umutungo w'ubutaka.

Kurwanya ubukene ntibyashoboka ibidukikije bititaweho ku buryo bugaragara. Niyo mpamvu ibidukikije bigize intego ya mbere y'ingamba zo kurwanya ubukene mu Rwanda kandi bikaba biri ku murongo wa mbere muri gahunda z'ingenzi zo kuvugurura ubuhinzi n'amajyambere y'icyaro.

Ivugurura ry'ubuhinzi n'amajyambere y'icyaro rigomba kujyana n'ibikorwa byo kurengera ibidukikije nko guhanga amaterasi, gutera amashyamba, gucunga neza amazi no gukoresha ahantu hahehereye neza.

Ingamba zo kurwanya ubukene zinashimangira ibikorwa byo mu rwego rw'ingufu bishyigikira by'umwihariko imikoreshereze myiza y'amashyamba no guteza imbere izindi ngufu.

Nanone izo ngamba zishyigikira ibikorwa byo gutanga amazi n'ibyo kureka no gukoresha amazi y'imvura mu mijyi no mu midugudu.

(iii) Ingamba z'igihugu mu ishoramari

Mu rwego rw'ibidukikije, ishoramari rizibanda ku bikorwa byo gukangurira abaturage kurengera amasoko y'amazi, kurwanya isuri, gutera no gufata neza amashyamba. Ishoramari mu bidukikije n'ubuhinzi biziyongera cyane bive kuri miliyari 8,7 mu rwego rwa mbere mu 2002 bizagere kuri miliyari 15,9 mu w'i 2006 noneho bizagabanuke muri 2010 kubera ko Leta izagabanya uruhare rwayo ikagenda ibyegurira abikorera ku giti cyabo.

(iv) Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi

Gahunda ya Guverinoma mu rwego rw' ibidukikije izibanda mu kurengera no kubungabunga ibidukikije kamere, abantu n'aho baba : hashyirwaho amahame remezo yo kurinda ibidukikije

uburyo bwose bwabihungabanya hagamijwe guhesha agaciro umutungo kamere, kurwanya ibihumanya n'ibyangiza; guteza imbere imibereho

y'abaturage hazirikanywa uburinganire ku mutungo uriho; kwizeza abaturarwanda bose amajyambere arambye atabangamiye ibidukikije ndetse n'imibereho y'abaturage; gushyiraho ingamba zo kurinda no kugabanya ingaruka mbi ku bidukikije kandi hakitabwaho gusubiranya ibyangiritse .
Nk'uko ingingo ya 49 y'Itegeko Nshinga ivuga **"Umwenegihugu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hadafite ingaruka mbi ku buzima kandi hatunganye.**
Umuntu wese afite inshingano yo kurengera kubungabunga no gufata neza ibidukikje.
Leta yishingira kurengera ibidukikije. Itegeko rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije"

Buri rwego rusabwa kwerekana muri Politike yayo yihariye uburyo ruzabungabunga ibidukikije nk' uko gahunda ikurikira igomba kugerwaho:

a) Gukurikirana no gusuzuma politike, ingamba na gahunda zigamije gucunga umutungo kamere w'ubutaka w'amazi, w'urusobe rw'ibinyabuzima harimo amashyamba no kubungabunga ibidukikije muri rusange;

b) Gushyiraho amabwiriza n'amategeko agamije icungwa riboneye ry'ibidukikije;

c) Gushyiraho ingamba na gahunda zigamije gushishikariza abikorera ku giti cyabo, imiryango itegamiye kuri Leta n'abaturarwanda bose gushora imari mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije;

d) Guhuza ibikorwa no gukusanya ibikenewe mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije;

Kubaka ubushobozi bw'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Gucunga Ibidukikije/Rwanda Environment Management Authority,(REMA) n'ubw'inzego z'ibanze ku bijyanye na gahunda zo gufata neza no kubungabunga ibidukikije

(v) Inshingano mu rwego rw'amajyambere mpuzamahanga

Kwita ku burambe bw'umutungo hitaweho cyane cyane
uburenganzira bungana ku bisekuru biriho ndetse n'ibizaza ni inshingano u Rwanda ruzafatanya n'ibindi bihugu mu gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Isi ku majyambere arambye (ODM, NEPAD), ibyemezo by'inama z'ibihugu byemeje burundu Amasezerano Mpuzamahanga anyuranye yo gucunga no kubungabunga ibidukikije.

U Rwanda kandi rugira uruhare mu miryango na gahunda byo mu rwego rw'akarere bigamije kurinda ibidukikije nk'umuryango uhuza ibihugu bituriye uruzi rwa Nili, Umuryango w'ubuhahirane bw'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba n'amajyepfo (COMESA), gahunda yo kurengera urusobe rw'ibinyabuzima mu kiyaga cya Victoria n'umugambi mushya Nyafurika w'Iterambere (NEPAD).

- **Umugambi Mushya w'Iterambere muri Afurika (NEPAD)**

NEPAD igamije kongera uburyo butuma ibidukikije byo muri Afurika birushaho kuba byiza, kurwanya ubukene, kongerera ubushobozi Afurika mu gushira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga mu rwego rw'isi no mu rwego rw'akarere, guhangana ku buryo buboneye n'ibibazo by'ibidukikije byugarije ibidukikije muri Afurika mu ishyirwa mu bikorwa rusange rya NEPAD. Amasezerano Mpuzamahanga.

Gahunda n' ibikorwa bya NEPAD (Domaines d'intervention du NEPAD:

Gahunda (Domaine) ya mbere: Kurwanya ubugunduke bw' ubutaka, izuba ryinshi n'ubutayu.

Gahunda ya kabiri : Kubungabunga ahantu hahehereye ho muri Afurika.

Gahunda ya gatatu : Kurinda no kugenzura amoko mvamahanga y'ibinyabuzima byangiza (espèces invasives étrangères).

Gahunda ya kane : Kurwanya imihindagurikire y'ibihe muri Afurika.
Gahunda ya gatanu : Kubungabunga no gucunga neza umutungo kamere urenga umupaka w'amazi, urusobe rw'ibinyabuzima, amashyamba n' umutungo w'ibimera (ressources génétiques végétales).

Izindi gahunda zihuriweho n'inzego nyinshi twavuga : ubuzima n'ibidukikije, itumiza n'ikoreshwa rirambye ry'ikoranabuhanga rikorerwa ku bidukikije, igenzura no kwirinda impanuka kamere,

3. IBIBAZO BYUGARIJE IBIDUKIKIJE

Ibibazo byugarije ibidukikije mu Rwanda biterwa hanini n'imikoreshereze mibi y'umutungo kamere cyane cyane uw'ubutaka, amashyamba n'amazi. Hari kandi n'ibibazo biterwa n'inganda, ubucuruzi, imiturire n'ihumana rinyuranye. Ikibazo cy'imyanda nacyo kibangamiye ibidukikije cyane cyane mu mijyi.

3.1 Iyangirika ry'umutungo kamere n'urusobe rw'ibinyabuzima

3.1.1. Ubusumbane hagati y'ubwiyongere bw'abaturage n'ubw'umusaruro

Ikibazo cy'ingutu kibangamiye ibidukikije mu Rwanda ni ubusumbane hagati y'ubwiyongere bw'abaturage n'umutungo kamere (ubutaka, amazi, inyamaswa, ibimera n'undi mutungo utisubiranya) ukomeza kwangirika kuva mu myaka ishize. Uko kwangirika kugaragarira mu itemwa ry'amashyamba rikabije, mu igabanuka ry'urusobe rw'ibinyabuzima, mu ihinga ry'ahantu hatabereye ubuhinzi, mu mikoreshereze mibi y'ibishanga n'isuri.

Ubusumbane hagati y'ubwiyongere bw'abaturage n'umutungo kamere bwateye ubukene buhora bwiyongera mu baturarwanda. Mu mwaka w'i 1993, umubare w'ingo zitindahaye zageraga kuri 53%. Uwo mubare warushijeho kwiyongera nyuma y'intambara na jenoside. Ibarura rakozwe mu w'i 2001 ryagaragaje ko ingo zingana na 60% zitindahaye.

3.1.2. Iyangirika ry'ubutaka

Iyangirika ry'ubutaka bw'u Rwanda rirakabije cyane kandi rishingiye ku mpamvu nyinshi zimwe ziterwa n'imiterere y'ubutaka, izindi zigaterwa n'ibikorwa by'abantu.

3.1.2.1. Impamvu zikomoka ku miterere kamere

a. Impamvu zituruka ku miterere y'ubutaka .

Bitewe n'imiterere kamere yabwo ubutaka w'u Rwanda buroroshye bityo bukaba bwibasirwa n'isuri ku buryo bworoshye.

b. Impamvu zituruka ku miterere y'imisozi.

U Rwanda rwiganjemo imisozi ihanamye kandi yibasirwa n'isuri

c. Impamvu zikomoka ku mihindagurikire y'ibihe.

Imvura igwa mu Rwanda ijyana n'ubutumburuke bw'imisozi: Imvura igwa mu mwaka yiyongera iva iburasirazuba (900 mm) ujya iburengerazuba (1.600 mm). Imvura nyinshi igwa mu misozi ihanamye ituma ubutaka butwarwa n'isuri naho imvura nke ituma ubutaka bwo mu misozi icirirtse bwibasirwa n'izuba ryinshi bugahora bwumagaye.

3.1.2.2. Impamvu zikomoka ku bikorwa by'abantu

a. Abantu benshi bashaka ubutaka bw'ubuhinzi

Abaturarwanda barenga 93% bakoresha ubutaka mu mirimo y'ubuhinzi. Muri iki gihe ubucucike rusange bw'abaturarwanda bugera kuri 309/Km² naho ubucucike nyakuri bugera kuri 430/Km².

Kubera ubwiyongere bw'abaturage bukabije, ubuso bw'amasambu ahingwa bugenda bugabanuka cyane kuri buri rugo. Ubwo buke bw'amasambu bwatumye abantu bahinga ahantu hatabereye ubuhinzi nk'ahantu hafite imisozi ihanamye kugeza kuri 80%, ibishanga n'ahantu hakomye.
Guhinga ubutaka hadakoreshejwe tekiniki nziza zo kurwanya isuri, zo gufata neza ubutaka n'amazi no kubuhinga hato na hato butuma isuri ubwibasira kandi bukanagunduka. Ubutaka butwarwa n'isuri ni bwinshi, ababikurikiranira hafi bavuga ko habarwa toni 557 kuri hegitari ku mwaka.

b. Imiterere itatanye n'isatagurwa ry'amasambu

Imiterere itatanye yiganje mu Rwanda ituma habaho imikoreshereze mibi y'ubutaka cyane cyane ububereye ubuhinzi n'ubworozi. Byongeye kandi imiturire itatanye yongera ubukana bw'isuri kubera ubwinshi bw'utuyira duhuza ingo kandi ahenshi ntaburyo bwo gufata amazi yanduye ava mu go n'amazi y'imvura.
Isatagurwa ry'amasambu kubera umuco wo gutanga iminani byatumye udusambu tuba duto cyane ku buryo abayihinga batagishobora kuyaraza ndetse n'umusaruro uvuyemo ntushobore kubatunga. Ibyo bituma ubutaka burushaho kwangirika no kugunduka bityo bikabangamira ibidukikije.

c. Imihingire mibi n'ubworozi budahwitse.

Kugeza ubu uburyo na tekiniki byakoreshejwe mu gufata neza ubutaka by'ibanze mu kurwanya isuri ariko byirengagiza kurumbura ubutaka bw'imisozi. Ubwo buryo na tekiniki byo gutunganya no gucunga ubutaka bitajyanye n'igihe tugezemo byabaye intandaro y'isuri ikabije.
Ku bijyanye n'ubutaka bwo mu bishanga, isuzuma rirambuye ry'ibibazo by'ahantu hahehereye ryagaragaje ko ibishanga bikoreshwa mu kajagari mu mirimo y'ubuhinzi, iyo gucukura za kariyeri hatabanje gukorwa isuzumaruhare y'ibyo bikorwa ku mazi n'ubuzima bw'abantu.
Isenywa ry'inkombe ry'ibiyaga n'imigezi ryatumye abantu bigabiza imyaro, bituma habaho inzarwe n'isayo, ubutaka bw'aho burahinduka bitewe n'ibitaka bitembana n'imvura iva ku misozi ikikije ibyo biyaga n'imigezi.

Umubare w'amatungo urengeje ubushobozi bw'inzuri mu turere tw'iburasirazuba utuma amatungo abyiganira ku butaka busanzwe bukabije kubera izuba bityo bigaha icyuho ubutayu. Ibyo bituma kandi ubutaka bwangirika bikabije, bukagunduka kandi bukarushaho gutwarwa n'isuri ikomoka ku mvura n'umuyaga.

d. Ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bikorwa mu kajagari

Ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro na za kariyeri bukorwa hiryo no hino mu gihugu bwangiza ubutaka bw'imusozi n'ubwo mu bishanga ; bwongera ubukana bw'isuri ku misozi kubera ibirombe bisigara birangaye kandi bituma umutungo w'amazi ugabanuka mu bishanga, ibiyaga n'imigezi.

e. Itemwa ry'amashyamba no kutita ku mirwanyasuri.

Itemwa rikabije ry'amashyamba no kutita ndetse no kwangiza imirwanyasuri cyane cyane bitewe n'igihe abantu bahungaga mu ntambara na jenoside byo mu i 1994 byatumye ubutaka bwangirika cyane ku misozi ihanamye yambaye ubusa.

3.1.3. Ikendera ry'urusobe rw'ibinyabuzima

Iby'ingenzi mu bibangamiye urusobe rw'ibinyabuzima n'isenywa ry'indiri zabyo, ubushimusi, ubucuruzi bunyuranije n'amategeko, kuzana rwihishwa mu gihugu amoko mvamahanga no gukoresha ku buryo burengeje urugero urusobe rw'ibinyabuzima.

a. Isenywa ry'indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima.

Isenywa ry'urusobe rw'ibinyabuzima riterwa no gutema amashyamba cyimeza no kwigabiza ahantu hakomye n'ahantu hahehereye ku mpamvu zinyuranye ariko ziganjemo ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi, ubukorikori, ubuvuzi bwa gihanga n'ibindi.

Isenywa ry'indiri ry'ibinyabuzima rizana impinduka ku bimera n'inyamaswa. Hari amoko y'ibimera n'inyamaswa bizimangatana burundu andi akagabanuka ku buryo bukabije. Ibintu birushaho kuba bibi iyo igabanuka ry'indiri y'ibinyabuzima ryiyongereyeho ubushimusi, n'inkogi z'imiriro. Kugabanuka kw'indiri y'ibinyabuzima rirakabije kuko u Rwanda rwatakaje ibirenga 50% y'amashyamba cyimeza mu myaka 40, ni ukuvuaga uhereye mu i 1996 kugeza mu i 1999. Mu rwego rw'igihugu amashyambba yagabanutseho 69%. Hakurikijwe imibare yegeranijwe na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi mu mwaka w'i 2002, amashyamba ari ku buso bungana na 18% by'ubutaka bw'u Rwanda (MINAGRI, 2002).
Mu Rwanda umuntu umwe abarirwa 1/20 cya hegitari kandi ku isi umuntu abarirwa hegitari imwe.

Ni muri urwo rwego ingwe zitakiboneka muri Pariki Nasiyonali y'Ibirunga no mu mashyamba ya Nyungwe kuva mu i 1971, impyisi, inzovu n'imbogo zahunze ari nyinshi muri Pariki Nasiyonali y'Ibirunga (PNV) no mu ishyamba rya Nyungwe ubu zisigaye ari mbarwa. Ingurube z'ishyamba, inturo, isega zacitse muri Pariki Nasiyonali y'Akagera; imigano nayo irakendera muri Pariki y'Ibirunga, amako y'ibiti afite agaciro nayo agenda akendera. Ubushakashatsi bukorwa muri iki gihe bwerekanye ko amoko y'ibimera 115 ashobora kuzima.

b. Ubushimusi, ubusahuzi n'ubucuruzi butemewe.

Amoko y'ibimera n'inyamaswa byibasiwe n'ubushimusi, ubusahuzi n'ubucuzi butemewe arakendera akaba yanazimangatana. Inyamaswa z'umuhigo ziraribwa mu ngo cyangwa zikagurishwa. Amoko yibasiwe kurusha ayandi n'ubushimusi ni imbogo, ingeragere, impongo, ingurube, ikinyogote, ifumberi, inkware, inkomo n'umugano. Ubushimusi n'ubucuruzi butemewe byibasira cyane amoko adakunze kuboneka kandi ari mu nzira yo gucika. Hasahurwa cyangwa hagacuruzwa inyamaswa nzima, ibisigazwa by'izapfuye cyangwa ibice bimwe by'umubiri harimo n'ibigenga iyororoka.

c. Kuzana rwihishwa amoko mvamahanga

Ingaruka z'ingenzi ziterwa no kwinjiza rwihishwa amoko mvamahanga ni uko ayo moko mashya aganza asanzwe gakondo. Ayo moko azana indwara nshya hakabaho n'ibyimanyi bidasanzwe.

Urugero ni inka, amarebe adasanzwe yakwirakwiye mu mazi yo mu duce duherereye none ubu akaba abangamiye bikomeye urusobe rw'ibinyabizima. Mu bibazo biterwa n'amarebe adasanzwe n'iyangirika ry'umutungo w'amazi kuko apfukira amazi, bikagabanya umwuka mwiza winjira mu mazi, ubusharire bw'amazi bukiyongera, ubushyuhe bukagabanuka ibyo bigatma urusobe rw'ibunyabuzima byo mu mazi rugabanuka cyangwa rukazimangatana. Ikiyaga cya Mihindi cyuzuye isayo ku buryo amazi yakamye. Umuhengeri wigabije imirima yo mu burasirazuba bw'igihugu.

d. Gukoresha ku buryo burengeje urugero urusobe rw'ibunyabuzima n'ibikomoka ku binyabuzima.

Tekiniki zimwe na zimwe n'imigenzo imwe imwe bibangamiye umusaruro w'urusobe rw'ibinyabuzima. Urugero ni nk'ursobe rw'ibinyabuzima rw'ahantu hahehereye rubangamiwe na tekiniki gakondo z'uburobyi zangiza.

Kuroba hakoreshejwe inkoni cyangwa inshundura zifite utwenge duto byangiza cyane umutungo w'amafi n'izindi nyamaswa zo mu mazi cyane cyane mu biyaga by'iburasirazuba. Intambi n'imiti ihumanya na byo ngo hari aho bikoreshwa mu burobyi.

Ingufu zikoreshwa mu Rwanda zikomoka ahanini ku binyabuzima. Ni muri urwo rwego 97% by'ingo bikoresha ingufu zituruka ku biti, amakara, ibihuru, amase, ibisigazwa by'ibimera mu guteka no kumurika.Ibiti bicanwa kandi mu mashuri, mu nganda z'ibyayi no mu bindi bigo bya Leta.

3.1.4. Igabanuka ry'umutungo w'amazi.

Amazi aragenda arushaho kubaba ingume mu Rwanda. Uturere tw'Umutara, Kibungo, Mayaga, Bugesera n'ibirunga turangwamo amasoka make ku buryo umuturage waho abona litiro 5 ku munsi kandi ku rwego rw'igihugu umuntu abona litiro 8,15 ku munsi n'ubwo nazo ari nke ugeraranije na litiro 20 umuntu agenewe ku munsi hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga.

Kurimbura mashyamba n'ibindi bimera , gutunganya nabi ibishanga bituma amazi atemba vuba ntakiyatangira, amasoko agakama n'ibiyaga bimwe bikuma. Kuri ibyo hakiyongeraho imihindagurikire y'ibihe, igabanuka ry'ububiko kamere ry'amazi n'ubumenyi buke muri tekiniki zo gucunga umutungo w'amazi. Ibyo byose bituma amazi arushaho kuba make cyane ko nko mu gihe cy'imvura amazi yangiza byinshi kubera ko nta tekiniki zo kureka no gukoresha amazi y'imvura.

3.2. Ibindi bibazo biboneka

3.2.1 Ibura rikabije ry'ingufu.

Ingufu zikomoka ku biti nizo zikoreshwa cyane mu Rwanda. Ibi bikaba bibangamiye ku buryo bukabije ibidukikije kuko gkoresha uburyo burengeje urugero inkwi n'amakara butuma amashyamba atemwa cyane, ubutaka bugasigara bwambaye ubusa, maze isuri ikabona icyuho.

Imibare yerekana ko ibura ry'ingufu rikabije cyane kuko ibikomoka kuri peteroli bitumizwa mu mahanga, amashanyarazi akaba atarakwirakwizwa mu Rwanda hose ndetse n'ingufu zisubiranya zikaba zitaragera ku baturage benshi.

3.2.2 Ibihumanya ibidukikije binyuranye.

Ibihumanya ibidukikije bituruka ku myanda iva mu ngo no mu nganda mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ndetse n'ibimera bihumanya nk'amarebe adasanzwe na pistia.

Amazi yanduye yakoreshejwe, imyanda yo mu misarane, ibishingwe by'amatungo n'imyanda inyuranye bihumanya amazi, umwuka n'ubutaka. Naho inganda zo mu Rwanda atari nyinshi, hafi ya zose zubatswe cyangwa zegereye ahantu hahehereye kandi zohereza imyanda yazo mu mazi itabanje gutunganywa. Inganda nanone zicucumura ibyotsi bihumanya ikirere.

Imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi ikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti irwanya ibyonnyi n'ibyatsi bibi ihumanya amazi, umwuka n'ubutaka. Amarebe adasanzwe byakwirakwiriye mu bice binini by'ahantu hahehereye mu Rwanda bityo bigatuma umutungo w'amazi wononekara.

Kuyungurura amabuye y'agaciro hakoreshejwe amazi menshi bihumanya amazi atemba yo mu Rwanda. Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri busiga ibirundo binini by'ubutaka n'amabuye bitwarwa buhoro buhoro n'isuri bikajya mu mibande aho byuzura imigezi bigatuma nta kimera cyongera kuharangwa.

3.2.3 Impanuka n'Amakuba

Amakuba asobanura ihungabanywa rikomeye ry'imibereho y'imiryango kandi rirenze ubushobozi bw'iyo miryango mu guhangana na ryo ndetse rigatuma abantu bitaba Imana, ibintu byangirika, ubukungu n'ibidukikije byangirika. Hariho ubwoko bubiri bw'amakuba ashobora kwibasira ibidukikije. Hari amakuba aterwa n'impanuka kamere n'andi aterwa n'abantu.

3.2.4 Amakuba aterwa n'impanuka kamere.

Amakuba aterwa n'impanuka kamere ni ajyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'imitingito y'isi ndetse n'iruka ry'ibirunga. Izo mpanuka zibangamiye u Rwanda kandi zigizwe n'amapfa, imvura nyinshi, imyuzure, umutingito w'isi, iruka ry'ibirunga.

3.2.4.1 Amakuba akomoka ku bikorwa bya muntu

a. Inkongi y'umuriro

Mu bihe by'izuba inkongi z'umuriro zirasanzwe mu Rwnda mu duce tw'iburasirazuba n'ubw'amajyepfo agana iburasirazuba (Umutara, Kibungo na Bugesera). Za pariki n'uduce dukomye ni byo byibasirwa cyane kubera gushaka inzuri, ubushimusi bw'inyamaswa, ubucukuzi bw'amabaye y'agaciro, gutwika amakara n'ibindi. Inkongi z'umuriro zituma bwononekara, amashyamba acika, urusobe rw'ibinyabuzima rukendera n'ibindi.

b. Amakimbirane n'intambara.

Kuva mu mwaka w'i 1959 u Rwnda rwaranzwe n'amakimbirane ndetse n'ibibazo bikomeye mu mibanire myiza y'abantu byatumye hari ababuze ubuzima bwabo. Amakuba ya vuba kandi y'amarorerwa y'intambara yacuze inkumbi mu Rwanda guhera mu 1990 yakurikiwe na jenoside n'ubwicanyi byo mu w'i 1994, byatumye ibidukikije byangirika muri rusange; impunzi zatumye habaho iyangirika n'imihindagurikire y'indiri z'ibinyabuzima, inzobere n'ubushobozi mu bidukikije buba buke ndetse n'igabanuka ry'uduce twaari dukomye.

c. Icika ry'amashyamba.

N'ubwo icika ry'amashyamba ridafatwa nk'impanuka muri rusange, mu Rwanda icyo kibazo cyiraduhangayitse cyane kuko kiri mu mpanuka zikomeye zishobora guterwa n'umuntu urugero rufatika n'icika ry'ishyamba rya cyimeza rya Gishwati.

3.2.4.2 Izindi mpanuka

Imiti imwe y'ubutabire ishobora gushya kubera ubushyuhe bwinshi iyo ibitswe nabi cyangwa yarengeje igihe. Iyo ni nk'umuti urwanya ibyonnyi (Mancozeb) wahiriye mu bubiko bw'i Gikondo. Hari kandi n'ikoreshwa rirengeje urugero rw'imiti ihumanya, inkongi z'umuriro zaba ahantu hanyuranye nko kuri sitasiyo z'ibikomka kuri peteroli, amagaraji, inganda, impanuka zo mu mihanda n'izikomoka ku byuma cyangwa insinga z'amashanyarazi n'ibindi.

3.2.5. Kudaha uruhare ruhagije ibidukikije mu bikorwa by'imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu.

3.2.5.1. Gutwara abantu , ibintu n'itumanaho.

Mu Rwanda hamenyerewe ko gutwara abantu n'ibintu ku nzira y'ubutaka hakoreshwa imodoka zinyura ku mihanda ya kaburimbo cyangwa imihanda nyabagendwa y'igitaka. Imisozi yuzuyeho utuyira twinshi dusobekeranye imihanda.
Kubera ubwinshi bw'inzira n'imihanda bikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu, bituma urwo rwego rurebwa n'ibidukikije cyane cyane mu mirimo yo kubaka imihanda, mu bikorwa bijyanye no gukoresha ibikomoka kuri peteroli , ibikorwa bijyana no gusana ndetse n'ibivubura imyuka ipfukira ikirere bityo igatera imihindagurikire y'ibihe.
Ingaruka mbi z'imihanda minini ku bidukikije zikomoka kenshi ku nkengero zayo nko:

- Imikingo mirermire kenshi yibasirwa n'isuri, inkangu no gutenguka. Niyo mpamvu usnga akenshi imihanda itari nyabagendwa mu bihe by'imvura kubera impamvu zavuzwe haruguru.

- Uduce two munsi y'umuhanda turunzemo igitaka kidatsindagiye neza kandi kibasirwa n'isuri bityo akaba ari ikibazo kibangamira ku buryo buhoraho imiturire, ibihingwa n'ibimera biri munsi y'umuhanda.

- Imigende iyobora amazi yo mu muhanda yohereza mu duce tuyikikije amazi menshi yuzuyemo ibyondo, umusenyi n'amabuye. Ayo mazi acukura imikoki aho anyura hose maze akisuka mu mibande no mu bishanga aho ahita abisiba kubera ibintu aba yavanye ku misozi.

- Ibirombe binini byakuwemo ibikoresho by'imihanda hanyuma bigasigwa birangaye nta kubisubiranya cyangwa ngo biterweho ibiti. Byangiza ubwiza nyaburanga bw'imisozi kandi bikaba byatera isuri.

- Iyo imihanda itariho kaburimbo mu gihe cy'izuba iba yuzuyeho ivumbi ndetse no mu duce tuyikikije. Imyotsi iva mu binyabiziga nayo ihumanya ibidukikije, cyane cyane ko lisensi na mazutu ikoreshwa mu gihugu irimo ibintu bihumanya nka Plo (Plomb/led) na sufure. (Soufre/Sulfur)

3.2.5.2. Ubucuruzi, inganda n'ubukerarugendo.

Ibikorwa by'ubucuruzi, inganda n'ubukerarugendo bifitanye isano ikomeye n'ibidukikije. Iyo bikozwe neza bishobora kwangiza ubwiza bw'ibidukikije. Mu Rwanda ibibazo bijyanye n'ubucuruzi, inganda n'ubukerarugendo byatangiye kwitabwaho.

a. Ubucuruzi

Ibidukikije bibangamiwe kubera ko nta politike, amategeko n'ingamba bigamije kubirengera mu rwego rw'ubucuruzi buriho ndetse no kuba nta bubiko nyabwo buriho bw'ibiribwa, ibicuruzwa, imiti n'ibindi bikomoka ku miti y'ubutabire ihumanya.

Nanone ibidukikije bibangamirwa kandi n'ubuke bw'ibikoresho n'ububanyi budahagije mu rwego rwo kugenzura no gukirikirana ibikorwa by'ubucukuzi higwa neza ingaruka zabyo ku bidukikije. Ikindi ni uko u Rwanda rudafite ubushobozi buhagije mu kugenzura ubucukuzi mpuzamahanga bw'imiti y'ubutabire cyane cyane ikoreshwa mu buhinzi no mu nganda kandi ishobora kwangiza ubuzima bw'abantu n'ibidukikije.

Ikindi kandi, abakozi ba gasutamo, abapolisi ba Interpol, abakozi bo mu Kigo cy'ubuzirange n'abo mu Kigo cy' Igihugu Gishinzwe Kugenzura Imikorere y' Inzego z' Imilimo Ifitiye Igihugu Akamaro ntabwo baba bafite amakuru ahagije yerekeranye n'ingorane ibicuruzwa bimwe na bimwe bishobora gutera ubuzima bw'abantu n'ibidukikije. Nta n'amategeko ariho arengera

abaguzi mu byerekeye ibicuruzwa byarengeje igihe cyangwa bidakurikije ibipimo mpuzamahanga by'ubuziranenge byemewe.

b. Inganda

N'ubwo inganda mu Rwanda zikiri nke kandi zitaratera imbere, zirahari kandi z'amoko anyuranye ariko izi ingenzi zikaba ari izitunganya umusaruro ukomoka ku buhinzi, inganda zikora imyenda, izitunganya ibiti n'ibibikomokaho, inganda z'ubutabire, iz'ubwubatsi, iz'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro inganda zitunganya ibyuma, inganda zisana ibyuma, amacapiro n'inganda zikora impapuro.

Izo nganda hafi ya zose zikorera mu Mujyi wa Kigali. Itegeko –teka N° 41/78 ryo ku wa 28 Gicurasi 1956 rishyira inganda n'amazu y'imyuga mu bigo "biteza impanuka, bifite umwanda kandi bishobora gutera.

Indwara „ kubera ingaruka mbi bigira ku buzima bw'abantu n'ibidukikije. Bityo, ihumuna ry'ibidukikije ribera aho umuriro ukorerwa n'ahahakikije.

Iyo usuzumye uburyo inganda, amagaraji n'ibindi bigo nabyo usanga byarubatswe hose mu kajagari. Inganda zimwe zubatse aho abantu batuye ibyo bikaba bibangamiye ubuzima bw'abo. Kandi inganda hafi ya zose, amagaraje n'amazu y'imyuga byubatse mu mibande cyangwa mu bishanga bikikijwe n'ahantu hatuwe cyane. Ibigo bimwe nk'ibyo bikorera mu mazu atuwemo.

c. Ubukerarugendo

Hari isano rikomeye riri hagati y'ibidukikije n'ubukerarugendo.
Mu gihugu kitegereye inyanja, ubukerarugendo bw'amatsiko cyangwa bufite icyerekezo bushingira cyane ku bwiza nyaburanga bw'ibidukikije ariko cyane cyane ku mutungo kamere w'umwimerere. Ubukerarugendo budafite icyerekezo cyo mu gihe kirekire bushaka gusa indonke y'amafaranga menshi bwagira ingaruka mbi kubudukikije. Ibi ni ukuri kuko ubukerarugendo bw'ibanda cyane cyane kuri pariki z'igihugu n'amashyamba cyimeza. Aho niho ingaruka ku bidukikije zigaragara cyane mu gihe bamukerarugendo baba babaye benshi kandi nta buryo bwo kubagenzura no kubakurikirana buriho.

Itegeko ngenga ry'ubukerarugendo rirateganijwe ariko kuba ritariho bidindiza ibikorwa by'ubukerarugendo. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubukerarugendo na za Pariki bibanda cyane kubukerarugendo kurusha ko bita ahantu hakomye n'ahandi hantu nyaburanga. Ibyo biterwa ahanini no kutagira abakozi b'inzobere, ibikoresho n'amafaranga bihagije ku buryo ubukererugendo bukorwa ubu budateza imbere ubukerarugendo bw'abantu benshi n'ubukerarugendo bwita ku bidukikije.

3.2.5.3. Uburezi, itangazamakuru n'ubushakashatsi

a. Uburezi bwo mu rwego rw'ibidukikije

Ibibazo biboneka muri urwo rwego ni uko ibidukikije bitarinjizwa mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru no kubura abarimu b'inzobere mu kwigisha ibidukikije. Ingufu ndetse n'ibikorwa mu kwigisha ibidukikije biratatanye; ntibigira urwego rubihuza.

b. Itangazamakuru.

Itangazamakuru rifite uruhare rukomeye mu gukangurira abaturage ibibazo by'ibidukikije no guhindura imyifatire y'abo mu bidukikije. Mu Rwanda itangazamakuru rikoreshwa cyane ni radiyo, ibinyamakuru byanditse, amatangazo, amashusho na filimi. Muri iki gihe itangazamakuru rishinzwe ikigo cya Leta gishinzwe itangazamakuru (ORINFOR). Inzego za Leta n'iz'abikorera ku giti cyabo zishinzwe itangazamakuru ntizihabwa amafaranga ahagije mu gutegura amakuru gutunganya filimi, kwandika ibitabo n'inkuru kubidukikije. Ibyo biraboneka ku banyamakuru bakora ibiganiro ku bidukikije usanga kenshi atarabibigize umwuga gusa bashishikajwe n'ibibazo bijyanye n'ibidukikije.

c. Ubushakashatsi

Kugeza magingo aya, ubushakashatsi ku bidukikije bukorerwa ahanini mu bigo bya Leta bitatu, aribyo:

- Ikigo cy'ubushakashatsi mu by'ubuhinzi mu Rwanda (ISAR);
- Ikigo cy'igihugu cy'ubushakashatsi n'ikoranabuhanga (IRST);
- Kaminuza y'u Rwanda

Ibikorwa biwe na bimwe by'ubushakashatsi bukorwa muri za Minisiteri no mu bindi bigo bya Leta. Gusa ubushakashatsi bukorwa muri ibyo bigo bwibanda ku buhinzi, ubuvuzi, ingufu n'urusobe rw'ibinyabuzima. Kutagira gahunda y'igihugu y'ubushakashatsi ku bidukikije no kutagira inzobere muri urwo rwego bituma ubushakashatsi ku bidukikije bukorwa mu kajagari.

Inyigo yari yarakozwe mu w'i 1992 yarekanaga ibikwiye kwitabwaho mu bushakashatsi kubidukikije ntigihuje n'igihe tugezemo.

3.2.5.4. Ibibazo bifitanye isano n'ubuzima.

3.5.4.1. Imiturire

Imiturire yo mu cyaro iratatanye. Uduce tutaberanye n'ubuhinzi turahingwa, imibande n'ubundi butaka buberanye n'ubuhinzi buterwaho amashyamba, amabanga y'imisozi n'ahantu hahehereye hakoreshwa mu kajagari kubera ko nta gishushanyo mbonera cy'imitunganyirize n'imikoreshereze y'ubutaka, nta politike y'ubutaka isobanutse, nta tegeko rigenga ubutaka, igabanuka ry'umutungo w'amazi, imyuzure yonona byinshi n'ibindi.

Mu mijyi abatuye mu mijyi bavuye kuri 7% muri 1993 bagera kuri 18% by'abaturage bose mu w'i 2002. Abahanga bateganya ko abatuye mu mijyi bazagera kuri 30% by'abaturage muw'i 2020.

Ibikenewe buri mwaka mu mijyi ni byinshi mu rwego rw'amacumbi n'ibikorwa remezo mu Rwanda. Imitunganyirize y'imijyi mu Rwanda ihura n'ibibazo bikurikira:

- Igenemigambi mu mitunganyirize y'imijyi ritaratera imbere no kudakurikiza ibyateganyijwe ,
- Ibikorwa remezo bikiri bike;
- Inzego zishinzwe gucunga imiturire zitandukanye;
- Amafaranga adahagije.

3.2.5.4.2. Ubuzima

Urwego rw'ubuzima ntiruratera imbere haba mu kurwanya indwara zibasira abana, ubuzima bw'imyororokere, imirire mibi, kutavurwa no kwibasirwa na malariya.

Mu cyaro, mu mijyi no mu midugudu haracyaboneka imyanda inyanyagiye mu mihanda no mu ngo. Amazi yanduye ayoborwa mu ntanzi z'urugo. Ibyo byerekana ko abantu batarahugukirwa no kugira isuku no gusukura. Ingo nyinshi zo mu cyaro ziracyarangwamo ibiryi binyuranye, imbeba n'utundi dukoko dukwirakwiza indwara. Amazi yo kunywa ntagirirwa isuku kandi indwara nyinshi ziterwa no kunywa amazi mabi.

Imyubakire yo mu kajagari mu mijyi idateganya aho amazi yakoreshejwe n'ay'imvura anyura byongera ibibazo by'isuku. Ayo mazi yangiza imihanda n'inzira abantu banyuramo kandi agatera ibidendezi bityo imibu ikororokeramo kimwe n'utundi dukoko dutera indwara abantu n'amatungo.

3.2.5.5 Igenamigambi mu rwego rw'ubukungu.

Ubukungu bw'u Rwanda kuva kera bushingiye ku buhinzi n'ubworozi kandi umusaruro wabwo ushingiye ku mihindagurikire y'ibihe. Ibibazo by'ingenzi ni ugushakisha uburyo bwo kongera umutungo hakoreshejwe uburyo bwo gutubura umusaruro; Ubukungu butajegajega bushingiye ku ngufu z'abaturage batanga imisoro neza kandi budacungira ku mfashanyo zo hanze.

Iyo miterere y'ubukungu ntituma abantu bita ku bidukikije kuko abenshi muri bo bahangayikishijwe n'amaramuko batitaye kuri ejo hazaza.
Leta nayo isaranganya amafaranga make ifite ikurikije ibyihutirwa kurusha ibindi ku buyo agenerwa kurengera ibidukikije ari make cyane hakurikijwe ubukana bw'ibibazo bihari. Ikindi kandi ni uko mu ngengo y'imari n'iy'imishinga y'amajyambere ntabwo hateganywa amafaranga yo kurengera ibidukikije.

3.2.6. Ibibazo by'ibidukikije mu rwego mpuzamahanga.

Ibibazo by'ibidukikije bisangiwe n'ibihugu byose byo ku isi. Muri ibyo bibazo harimo bimwe by'ingutu bisaba ubufatanye n'ingufu z'ibihugu byose kugira ngo bibonerwe ibisubizo nyabyo. Iby'ingenzi n'ibijyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'iyangirika akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba .

3.2.6.1. Imihindagurikire y'ibihe

Guhera mu myaka ya 1980, ubushyuhe ku isi bwagiye bwiyongera. Ibikorwa bya muntu cyane cyane inganda n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu bicucumura imyuka ipfukirana ikirere ituma isi ishyuha kurushahho. Mu rwego rwo gukemura icyo kibazo ibihugu byo ku isi byateguye kandi bishyira umukono ku Masezerano y'Umuryango w' Abibumbye yerekeye imihindagurikire y'ibihe guhera muri Kamena 1992.
U Rwanda rwashyize umukono kuri ayo masezerano ku itariki ya 10 Kamena 1992, ruyemeza burundu ku itariki ya 18 Kanama 1998.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ayo masezernao, u Rwanda ruriho rutegura raporo ya mbere y'igihugu yerekeye imihindagurikire y'ibihe birutewemo inkunga n'Ikigega cy'Isi cyita ku Bidukikije. Iyo raporo ya mbere nirangira hazategurwa gahunda y'igihugu y'ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikira y'ibihe kugira ngo igihugu cyacu gitange umusanzu wacyo mu kugabanya ingaruka mbi ziterwa n'imihindagurikire y'ibihe.

3.2.6.2. Iyangirika ry'akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba.

Iyangirika ry'akayunguruzo k'imirasire y'izuba ryatangiye kumenyekana mu myaka ya 1980. Ikirere cy'izingiro ry'isi rya ruguru ni ry'epfo n'icyo cyibasiwe cyane.
Iyangirika ry'akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba ryongera kw'isi ubukana bw'imirasire mibi y'izuba rikanabangamira ibinyabuzima. Imirasire mibi y'izuba ishobora gutera indwara ya Kanseri y'uruhu, Ubuhumyi, Kugabanya ubushobozi bwo mu mubiri bwo kwirinda indwara, ishobora kwangiza amoko y'ibimera n'inyamaswa.

U Rwanda rushyigikiye ibikorwa by'umuryango
mpuzamahanga bigamije kugabanya no guca burundu gukora no gucuruza imiti yangiza akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba (SAO). Ni muri urwo rwego u Rwanda rwemeje burundu amasezerano ya Vienne yo kurengera akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'amasezerano mpuzamahanga ya Montreal yerekeranye n'imiti yangiza akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba ku wa 11.10.2001. U Rwanda ruteganya kandi kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga ya Montreal. rubitewemo inkunga n'ikigega mpuzamahanga cyo gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga y'i Montreal, u Rwanda rwatangije guhera mu w'i 2002 umushinga wo kongerera ubushobozi inzego z'ubuyobozi no gutegura gahunda y'igihugu yo guca burundu imiti yangiza akayunguruzo k'imirasire mibi y'izuba.

3.2.7 Uruhare rw'abari n'abategarugore mu kubunga bunga ibidukikije.

Mu Rwanda abari n'abategarugore barenze 52% by'abaturage bose hakurikijwe imibare y'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ryo mu w'i 2002. Umunyarwandakazi niwe ufite uruhare runini mu mirimo y'ubuhinzi kubera ko umubare w'abari mu buhinzi n'ubworozi ungana na 52,3% mu gihe uwa abagabo ungana na 38,8% (MINECOFIN,1998).

Byongeye kandi iyo mirimo y'ubuhinzi n'ubworozi umugore wo mu cyaro ayibangikanya n'indi mirimo yo mu rugo inyuranye harimo kurera no kwita ku bana, isuku n'isukura y'aho batuye.Kimwe n'umutegarugore wo mu cyaro, umutegarugore wo mu mujyi abangikanya imirimo yo kongera umusaruro mu bucuruzi cyangwa mu bukorikori, imirimo yo mu rugo, kubyara, kurera no kwita ku bana. Ibyo bikorwa byose bituma umutegarugore akoresha kenshi ibidukikije. Umutegarugore afite uruhare rukomeye mu micungire n'imikoreshereze y'ubutaka n'amazi. Nyamara uburyo n'ubushobozi aganerwa ntaho buhuriye n'imirimo asabwa.

Mu by'ukuri abagore bibasiwe n'ubukene, nibo benshi usanga batagira aho bikinga, babaho mu bukene bukabije aho bahora bahangayitse umutima barwana no kubona amaramuko batitaye ku by'ejo hazaza no kurangera ibidukikije. Ibyo bibazo biri no mu rubyiruko rutashoboye gukomeza amashuri, rukaba nta kazi rufite akenshi nta n'urwitayeho.

Nyamara urubyiruko rurenze ½ cy'abaturage bose b'u Rwanda rukaba rwagombye kuba ingufu zageza igihugu ku amajyambere arambye yubahiriza ibidukikije. Ingamba zigomba gufatwa

kugira ngo ubuzima bw'abagore n'urubyiruko burusheho kuba bwiza maze nabo bakarushaho kugira uruhare rugaragara mu gucunga neza umutungo kamere no kurengera ibidukikije.

3.2.8. Kutagira politike, inzego z'ubuyobozi, n'amategeko bihamye mu kurengera ibidukikije.

Kubera ko nta tegeko ngenga ririho ryo kurengera no gucunga ibidukikije no kuba inzego z'ubuyobozi zishinzwe ibidukikije zigifite intege nke nabyo biri mu bituma ibidukikije byangirika. Amategeko n'amabwiriza bituzuye, politike n'ingamba bituzuzanya byatumye umutungo kamere ukoreshwa nabi bikanadindiza ishyirwa mu bikorwa by'amasezerano mpuzamahanga yerekeye ibidukikije.

Ku rwego rw'ubuyobozi n'ubushobozi ingorane z'ingenzi mu gucunga neza ibidukikije ni ukutagira icyerekezo rusange mu gucunga neza ibidukikije cyane cyane mu gihe cyo gushyiraho inzego z'ubuyobozi ugasanga ibyemezo bifatirwa mu nzego zinyuranye kandi zivuguruzanya bityo hakabaho gutatanya ingufu aho gusenyera umugozi umwe.
Ibikoresho bike, abantu bake n'amafaranga make no kuba ubuyobozi bw'ibidukikije buhora bujarajazwa, kuba nta rwego tekiniki ruhoraho ruhuza inzego zegereye abaturage zitaragira uburambe mu gucunga ibidukikije.

Ku rwego rwa politike, imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu, gukena no gutindahara kw'abaturage, amakimbirane ashingiye kuri politike, ubushobozi buke n'ubujiji bw'abaturage bikurura imyifatire n'imico mibi ibangamira ibidukikije.

3.3 AMAHAME N'INTEGO BYA POLITIKE Y'IBIDUKIKIJE.

3.3.1. Amahame rusange.

Kugira ngo ibibazo bimaze kuvugwa hejuru bibonerwe igisubizo no kugira ngo ibidukikije birindwe kandi bicungwe neza, amahame icumi agomba kwitabwaho:

(i) Umuntu wese afie uburenganzira bwo kuba ahantu ibidukikije bifashwe neza, afite inshingangano zo kurinda ubusugire bw'ibidukikije;

(ii) Iterambere ry'ubukungu rikwiye gushingira kw'ikoreshwa neza ry'umutungo kamere hitaweho kurengera ibidukikije.

(iii) Abaturage bose bakwiye kugira uruhare rugaragara mu kurengera no gucunga neza ibidukikije.

(iv) Ibidukikije bikwiye gushyirwa muri porogramu zose z'igihugu: uburezi, inzego z'abari n'abategarugori n'iz'urubyiruko zikwiye kugira uruhare rugaragara rwo kurengera ibidukikije.

(v) Gushyiraho uburyo bwo kwirinda impanuka zakwangiza ibidukikije.

(vi) Gusyiraho uburyo buteganya ko uwangije ibidukikije abiryozwa.

(vii) Gusaba imishinga yose ikorera mu gihugu gukora inyigo y'ingaruka ziterwa n'ibikorwa byabo ku bidukikije.

(viii) Ihame ry'uburinganire hagati y'ibisekuruza n'isaranganywa mu byerekeye ikoreshwa ry'umutungo rigomba kwitabwaho.

(ix) Gushyiraho ingamba zo guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage mu gukoresha umutungo kamere.

(x) Gufatanya n'amahanga mu bumenyi bwo kurengera ibidukikije.

3.3.2 Inshingano yihariye y'urwego rw'ibidukikije

- Kugeza igihugu ku bwuzuzanye hagati y'ubwiyongere bw'abaturage n'umutungo ku buryo butabangamiye indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima;
- Gutuma habaho amajyambere arambye mu mibereho myiza y'abaturage n'ubukungu mu cyaro no mu mijyi ku buryo umugabo n'umugore bisanzura kandi bakabaho neza mu bidukikije bifashwe neza;
- Kurengera, kubungabunga no guha agaciro ahantu kamere ni ibikorwa bigomba kuba inshingano ya buri wese.

3.3.3. Intego za Politike

❖ **Intego rusange**

Intego rusange ya politike y'ibidukikije ni uguteza imbere imibereho myiza y'abaturage, gukoresha neza umutungo kamere, kubungabunga no gucunga neza ahantu h'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima hagamijwe amajyambere arambye abereye bose.

❖ **Intego zihariye**

Politike y'ibidukikije ifite intego zihariye zikurikira:

(i) Guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abanyarwanda bose no guharanira iterambere mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza hibandwa ku micungire n'imikoreshereze myiza y'umutungo kamere n'ibidukikije.

(ii) Kwinjiza ibidukikije muri politike z'amajyamabere, mu igenemigambi no mu bikorwa byose bikorerwa mu rwego rw'igihugu, Intara, Uturere n'Imirenge kandi abaturage bakagira uruhare rugaragara.

(iii) Kubungabunga, kurengera no gusana indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima cyane cyane habungwabungwa urusobe rw'ibinyabuzima rw'u Rwanda.

(iv) Kubyaza umutungo kamere umusaruro utubutse ariko no gukoresha uwo musaruro ku buryo burambye.

(v) Gukangurira abaturarwanda kugira ngo bamenye isano riri hagati y'ibidukikije n'amajyambere.

(vi) Gukora ku buryo abantu bose bagira uruhare mu bikorwa bigamije guteza imbere ibidukikije hitabwaho by'umwihariko abategarugore n'urubyiruko.

(vii) Gutuma abanyarwanda bariho ubu bakemura ibibazo by'imibereho yabo hatibagiranye n'abazadukomokaho.

4. INGINGO NKURU N'INGAMBA ZA POLITIKI Y'IBIDUKIKIJE.

Hashingiwe ku ntego rusange, intego zihariye n'amahame rusange byavuzwe haruguru, ingingo zihutirwa n'ibikorwa by'ingenzi bizitabwaho ni ibi bikurikira.

4.1 Ubwiyongere bw'abaturage n'imitunganyirize y'imijyi n'icyaro.

4.1.1 Ingingo nkuru.

Guhuza politike y'igihugu y'ubwiyongere bw'abaturage n'iy'imitunganyirize, imikoreshereze y'ubutaka n'ibidukikije.

4.1.2 Ibikorwa.

(i) Gutegura politike y'igihugu yerekeye imicungire myiza y'ubutaka bwo mu cyaro.

(ii) Gutegenya cyangwa kuvugurura ibishushanyo mbonera rusange n'ibyihariye by'imikoreshereze y'ubutaka bwo mu mijyi.

(iii) Gukomeza gahunda yo gutuza abantu mu midugudu hitabwa ku bikorwa remezo bituma amajyamabere ashobora kugera ku baturage.

(iv) Guhugura, kwigisha, kumenyesha no gukangurira abaturage ibikorwa bijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage, imicungire y'umutungo kamere, ibidukikije no kuringaniza imbyaro.

4.2 Umutungo kamere

4.2.1.Ubutaka

a. Ingingo nkuru.

Gukora ku buryo ubutaka bizwi ko ari umutungo w'ingenzi w'u Rwanda, utangirika cyangwa ugakoreshwa mu kajagari.

b. Ibikorwa.

(i) Kwemeza vuba politike n'itegeko ry'ubutaka no gutegura gahunda yo kubishyira mu bikorwa.

(ii) Gukora ibishoboka byose kugira ngo umutungo w'ubutaka ukoreshwe neza.

(iii) Gutegura igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka.

(iv) Gukora ibishoboka byose kugira ngo ubutaka bufatwe neza kandi burindwe ibintu byose bishobora kubwangiza.

(v) Gukangurira abaturarwanda amategeko n'amabwiriza byerekeye ubutaka.

4.2.2 Umutungo w'amazi.

a. Ingingo nkuru

Gukora ibishoboka byose kugira ngo imirimo ikoresha amazi mu nzego zinyuranye z'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage itabangamira ibidukikije.

b. Ibikorwa

(i) Gufata ibyemezo bituma umutungo w'amazi n'ibidukikije bidahungabana.

(ii) Gufata ingamba zigamije kubuza iyangirika ry'ibidukikije mu nkengero z'ahantu hari amazi.

(iii) Kurwanya igabanuka ry'ibigega kamere by'amazi (ibimera, amashyamba n'ibishanga).

(iv) Gukora ku buryo hasuzumwa ingaruka z'ibikorwa by'imishinga y'amajyambere ku bidukikije kandi hakagaragazwa ikiguzi n'inyungu bijyanye no kurinda amabanga y'imisozi n'izindi ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ziyegereye.

(v) Guteza imbere ubufatanye hagati y'inzego za Leta n'izimiryango itegamiye kuri Leta mu bikorwa byo kubungabunga amabanga y'imisozi mu kurwanya isuri, inzarwe, ibitaka biva ku misozi, gutera amashyamaba n'ibindi bikorwa bibi.

(vi) Kurwanya amarebe adasanzwe n'ibindi byatsi bihumanya.

(vii) Gushyikiriza gahunda yo kureka, kubika no gukoresha amazi y'imvura.

(viii) Guteza imbere ubutwererane bw'akarere mu gucunga no gukoresha neza amazi dusaranganya n'ibindi bihugu.

(ix) Gukora kuburyo amategeko n'amabwiriza agenga amazi n'imicungire y'imyanda yubahirizwa.

4.2.3 Ahantu hahehereye

a.Ingingo nkuru.

Kubungabunga no gucunga neza ahantu hahehereye.

b. Ibikorwa

(i) Gushyiraho politike n'itegeko bigenga kubungabunga no gukoresha ahantu hahehereye.

(ii) Gutegura igishushanyo mbonera cy'imitunganyirize no kubungabunga ahantu hahehereye.

(iii) Kubarura no kwerekana ibigize urusobe rw'ibinyabuzima.

(iv) Gukurikirana no gusuzuma imiterere y'ahantu hahehereye.

(v) Gushyiraho ingamba zo kurengera amabanga y'imisozi kugira ngo ibishanga bitangirika.

(vi) Gutoranya ibishanga byakomwa n'ibya koreshwa.

(vii) Kurekera ibishanga mu maboko ya Leta kandi imicungire igashingwa Guverinoma.

4.2.4 Amashyamba n'ahantu hakomye

a. Ingingo nkuru

Kurushaho kubungabunga amashyamba n'ahantu hakomye.

b. Ibikorwa

(i) Kurushaho kubungabunga umutungo w'amashyamba.

(ii) Kongera ingufu muri porogaramu zo gutegura ibishushanyo mbonera by'imitunganyirize n'imicungire y'amashyamaba y'amatereno.

(iii) Gushyigikira ikoreshwa no guha agaciro ibikomoka ku mashyamba hatezwa imbere inganda nto z'abikorera ku giti cyabo zitunganya ibikomoka ku biti.

(iv) Gutera mashyamba ahantu hadakwiriye ubuhinzi mu rwego rwo kurinda no kubungabunga imisozi y'ibiharabuge.

(v) Gukora kuburyo abaturage baturiye amashyamba cyimeza bagira uruhare mu kuyasubiranya, kuyarinda no kurwanya inkongi y'umuriro.

(vi) Gukora ibishoboka byose kugira ngo indiri z'ibinyabuzima zangijwe zisubiranywe no kwita kurushaho amoko y'inyamaswa ari hafi gucika.

4.2.5 Urusobe rw'ibinyabuzima

a. Ingingo nkuru

Kwihatira kubungabunga no gukoresha ku buryo burambye urusobe rw'ibinyabuzima ruba ahantu kamere n'ahahinze hitabwaho gusaranganya inyungu zirukomokaho.

b. Ibikorwa

(i) Kubarura amoko gakondo y'ibinyabuzima bifite akamaro mu rwego rw'ubukungu.
(ii) Kubungabunga amoko y'ibinyabuzima gakondo haba kubirindira aho biri cyangwa kubijyana ahandi hantu.
(iii) Guteza imbere uburyo busimbura ikoreshwa ry'urusobe rw'ubuzima.
(iv) Kubungabunga amoko gakondo anyuranye y'ibimera n'inyamaswa.
(v) Guteza imbere igenzura ry'itumizwa mu mahanga no gukwirakwiza ibikomoka ku rusobe rw'ibinyabuzima.
(vi) Gushyira mu bikorwa gahunda zo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima zikubiye mu ngamba z'igihugu zo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.
(vii) Kwihatira gusubiranya ibirombe byacukuwemo amabuye y'agaciro na kariyeri.

4.3 Imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu

4.3.1 Ubuhinzi, ubworozi n'uburobyi

a. Ingingo nkuru

Gushyigikira gahunda na tekiniki z'ubuhinzi, ubworozi n'uburobyi zitabangamira ibidukikije.

b. Ibikorwa

(i) Guteza imbere uburyo bwo kongera umusaruro w'ubuhinzi butabangamira ibidukikije.
(ii) Kongerera imbaraga gahunda z'igihugu z'inyongeramusaruro hagamijwe kongera umusaruro wo mu buhinzi ariko ibidukikije byitabwaho.
(iii) Gukangurira abaturage ibyerekeye ingaruka z'inyongeramusaruro.
(iv) Kugabanya umubare w'abahinzi hashakwa indi mirimo itari iy'ubuhinzi.
(v) Gushyigikira gahunda zo kwororera mu biraro.
(vi) Gukora ku buryo umubare w'amatungo utarenga ubushobozi bw'inzuri.
(vii) Gushyigikira uburyo bwo kuhira imyaka ibidukikije bitangirika.
(viii) Guteza imbere mu nkengero y'imijyi no ku mihanda ubuhinzi butari ubwo ku butaka.
(ix) Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga itumizwa ry'amatungo mvamahanga n'uburyo amatungo yimuka ava mu karere ajya mu kandi.
(x) Gushyiraho amabwiriza n'amategeko ndetse no guteza imbere uburyo bwo kuroba butangiza ibidukikije.

4.3.2 Gutwara abantu n'ibintu n'itumanaho.

a. Ingingo nkuru

Kwita ku bidukikije mu bikorwa byose byo gutwara abantu, ibintu n'ibyitumanaho.

b. Ibikorwa

(i) Gukora ku buryo amategeko n'amabwiriza agenga gutwara abantu n'ibintu ku butaka, mu mazi no mu kirere atuma ihumana ry'ibidukikije rigabanuka.
(ii) Kwirinda ihumana ry'umwuka n'ubutaka kubera imyuka n'ubutare biterwa n'ibyuma bitwara abantu n'ibintu.
(iii) Kwihatira kurinda inkengero z'umuhanda.

(iv) Kurinda abaturage urusaku n'impanuka zikomoka mu gutwara ibintu n'abantu mu kirere, mu mazi no kubutaka.
(v) Kurwanya urusaku ruva kw'itumanaho n'itangazamakuru (radiyo, telefoni zigendanwa, televiziyo).
(vi) Guteza imbere ikoreshwa mu nzego z'itumanaho ingufu zidahumanya (gusimbura amabuye, bateri,..).

4.3.3 Ubucuruzi, inganda n'ubukerarugendo

a. Ingingo nkuru

Kwita ku bidukikije mu mirimo y'ubucuruzi inganda no guteza imbere ubukerarugendo budahungabanya ibidukikije.

b. Ibikorwa

(i) Gupima no kugenzura ubwiza bw'ibicuruzwa byaba ibyo mu mahanga cyangwa ibitumizwa mu mahanga.
(ii) Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga imyubakire n'imicungire y'inganda n'amasoko.
(iii) Gushyiraho uburyo bwo guhanahana amakuru yerekeye ibicuruzwa byaciwe, ibigengwa n'amategeko yihariye ndetse n'ibishobora guhumanya ku buryo bukomeye.
(iv) Gukoresha mu gutwara cyangwa mu gupfunyika ibicuruzwa mu bintu bishobora kubora no gutunganya imyanda ku buryo ibyazwamo ibindi bikoresho.
(v) Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga ubucuruzi bw'inyamaswa n'ibimera ndetse n'ibibikomokaho.
(vi) Kugenzura isuku yo mu masoko, mu duce ducururizwamo ndetse n'uturimo inganda.
(vii) Guteza imbere ikoranabuhanga ridahumanya cyane.
(viii) Guteza imbere ikoranabuhanga ridahumanya cyane mu kwikorera, kubika cyangwa mu gukuraho ibicuruzwa cyangwa imyanda yo mu nganda.
(ix) Guteza imbere ubukerarugendo budahungabanya ibidukikije (ubukerarugendo bwizihiye ibidukikije).
(x) Gukangurira ba mukerarugendo akamaro k'ibidukikije.

4.3.4 Ingufu n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

a. Ingingo nkuru

Kongera ingufu ariko hirindwa ingaruka mbi z'icyo gikorwa ku bidukikije no kubyitaho mu mirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

b. Ibikorwa

(i) Gushishikariza abantu mu gukoresha ingufu zisubiranya (gazi metani, imirasire y'izuba, ingufu zikomoka ku muyaga) n'amashanyarazi abayarwa n'ingomero ntoya.
(ii) Kubahiriza amabwiriza n'ibipimo bijyanye n'umutekano mu gukora, gutwara no gukwirakwiza ingufu.
(iii) Kubahiriza mu gihe cyo gukoresha ingufu, ibipimo mpuzamahanga bigenga kohereza imyuka ipfukirana ikirere.
(iv) Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kuburyo ibidukikije birindwa.
(v) Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga

imitunganyirize y'imyanda ikomoka ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro kugira ngo ihumanywa ry'amazi rigabanuke cyangwa bishobotse ricike burundu.

4.3.5 Uburezi, itangazamakuru n'ubushakashatsi.

a. Ingingo nkuru

Gushyiraho mu Rwanda politike y'uburezi, itangazamakuru ikangurambaga no guteza imbere ubushakashatsi ku bidukikije.

b.Ibikorwa

(vi) Gushyiraho inyigisho z'ibidukikije mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru.
(vii) Kongerera abantu n'inzego ubushobozi mu bijyanye n'ibidukikije.
(viii) Gukangurira abaturarwanda ibikorwa byo kurengera ibidukikije.
(ix) Guteza imbere ubushakashatsi no gusakaza ikoranabuhanga mu kugenzura ibidukikije.
(x) Gufasha kuburyo ibyavuye mu bushakashatsi ku bidukikije bigera ku bantu bose.

4.3.6 Ubuzima n'isukura

Gukora ku buryo ibidukikije biba umutima w'ubuzima n'isukura.

a.Ibikorwa

(xi) Gushyiraho uburyo bwo gukusanya, gutwara, kubika no gukuraho imyanda.
(xii) Gushyiraho ingamba z'igihugu zo gucunga by'umwihariko imiti y'ubutabire n'imyanda ikomoka mu mavuriro no mu nganda.
(xiii) Gushyiraho amabwiriza ngenderwaho arinda uduce turi hagati y'ahashyizwe imyanda, ahatuwe n'amasoko y'amazi.
(xiv) Guteza imbere no kongera ubushobozi bw'inzego n'ubwa tekiniki mu gucunga, kugenzura no gukurikirana ibintu bihumanya.
(xv) Gushyiraho uburyo nyabwo bwo kuyobora amazi yanduye n'ay'imvura haba mu mujyi cyangwa mu midugudu.

4.3.7 Igenamigambi mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije.

a. Ingingo nkuru

Kwinjiza ibidukikije mu iteganyamigambi ry'ubukungu

b.Ibikorwa

(i) Kwita ku ngaruka n'ikiguzi cy'ibidukikije mu gihe hakorwa iteganyamigambi ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.
(ii) Gushakashaka no guha amafaranga akenewe imirimo yo kurinda ibidukikije.
(iii) Kwinjiza ibidukikije muri za gahunda n'imishinga yose y'amajyambere yo mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

4.3.8 Uburinganire, urubyiruko n'ibidukikije

a. Ingingo nkuru

Kwinjiza uburinganire mu bikorwa byo kurinda ibidukikije.

b. Ibikorwa

(i) Guha amahirwe angana abagabo n'abagore mu kurengera ibidukikije.
(ii) Kugabanya imvune z'umutegarugori wo mu cyaro ziterwa n'imirimo yo mu rugo.
(iii) Guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'ingo zikennye cyane cyane iziyoborwa n'abategarugori.
(iv) Gufasha umutegarugori kugira ijambo mu mutungo kamere no kuburyo ucungwa.
(v) Gushishikariza urubyiruko, duhereye mu myaka mito, kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.
(vi) Kwigisha no kuyobora uburyiruko mu mirimo itari iyo ubuhinzi kugira ngo ibidukikije n'umutungo kamere bidakomeza kuribwa isataburenge.

4.4 Ikirere, ikirere n'impanuka

a. Ingingo nkuru

(i) Gushyiraho politike yo gutabariza no gucunga impanuka kamere cyangwa iziterwa n'abantu.
(ii) Gushyiraho politike n'amategeko bigamije gukurikirana buri munsi ikirere no kugabanya ku buryo bugaragara ibintu bihumanya ikirere.

b.Ibikorwa

(iii) Gushyiraho uburyo bwo gushyingura amakuru yerekeye impanuka.
(iv) Kongera ubushobozi bw'inzego zicunga impanuka.
(v) Gushyiraho uburyo bwihuta bwo gutabariza impanuka.
(vi) Gushyira mu bikorwa amategeko n'amabwiriza ajyanye no kwirinda no gucunga impanuka.
(vii) Kongera ubushobozi inzego zikurikirana iteganyabihe.
(viii) Gushyiraho politike yo gukurikirana ibikorwa by'ubukungu n'imibereho myiza bishobora gutuma ikirere cyangirika.

5. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKE

Politike y'ibidukikije iri mu nzego z'ibikorwa zinyuranye. Ishyirwa mu bikorwa ryayo risaba uruhare rw'abantu bose bakora imirimo ijyanye n'imibereho myiza y'abaturage, ubukungu bw'igihugu. Ishyirwa mu bikorwa ry'iyo politike risaba ko hashyirwaho inzego n'amategeko akwiye n'uburyo buhamye bwo gukurikirana no gusuzuma ingaruka n'ibigamije kugerwaho muri politike.

Byongeye kandi, ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politike bizasaba gushaka umutungo w'amafaranga, imbaraga z'abantu ndetse n'ibikoresho. Nanone iyi politike izashingira ku mahame ajyanye no kwegereza ubuyobozi abaturage n'ayo kugira uruhare rusesuye mu bikorwa no gufata ibyemezo.

5.1 Urwego rw'amategeko

Amategeko ariho kuri ubu arengera ibice bimwe na bimwe bigize ibidukikije. Nyamara amenshi muri yo agenga inzego zihariye kandi akaba ashaje atanajyanye n'igihe tugezemo. Ayo mategeko ntashobora kurengera neza ibidukikije muri iki gihe turimo. Ibyo bigira ingaruka mbi ku micungire y'ibidukikije n'umutungo kamere.

Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo no kugira ngo ishyirwa mu bikorwa rya politike y'ibidukikije rigere ku ntego yaryo ni ngombwa gushyira itegeko ry'ibidukikije rigamije amajyambere arambye hakoreshwa neza umutungo w'ibidukikije mu gukemura ibibazo by'abariho muri iki gihe ariko tutibagiwe n'abo mu gihe kizaza.

Iryo tegeko rigomba kuba ritabangamiye urwego rwa politike, imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu, umuco w'igihugu kugira ngo ubuzima bw'abantu bose burusheho kuba bwiza. Iryo

tegeko rigomba kuba urubuga rwo gutegura, kuvugurura no guhuza n'igihe tugezemo amategeko yihariye kugira ngo ibidukikije birindwe neza haba ku rwego rw'igihugu cyangwa rw'Intara, Uturere, Imirenge n'Utugari. Iryo tegeko rigomba kugira uruhare mu kongera ubushobozi no guha inshingano inzego ziriho.

Nyamara, iryo tegeko rigomba kugira ibintu bishya nko gushyiraho ikigo cy'Igihugu cyo gucunga ibidukikije na za komite z'Intara n'Uturere cyangwa z'Imijyi zishinzwe gucunga ibidukikije bitanyuranije n'inshingano nshya z'Uturere cyangwa z'Imijyi hakurikijwe politike yo kwegereza ubushobozi abaturage n'imiyoborere myiza yashyizweho kuva mu mwaka w'i 2000.

5.2 Inzego z'ubuyobozi

Ibibazo by'ibidukikije byambukiranya inzego nyinshi bityo bigasaba ko habaho uburyo bwo kubicunga bukomatanyije bushingiye ku rwego rutuma abantu bose bagira uruhare rugaragara.

Byongeye kandi n'ubwo hariho urwego rushinzwe kurinda no gucunga ibidukikije, ishyirwa mu bikorwa rya politike rizabaho hashyirwaho urwego rwo kuyishyira mu bikorwa kugira ngo rwunganire Minisiteri ifite mu nshingano zayo ibidukikije nk'urwego rwo gutanga umurongo no guhuza ibikorwa.

Bityo, imirimo yo gushyira mu bikorwa politike y'ibidukikije izashingwa Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gucunga Ibidukikije. Icyo kigo kizaba gifite inshingano zikurikira :

a) Guhuza ibikorwa binyuranye byo kurengera ibidukikije bikorwa n'inzego zo guteza imbere ibidukikije no kwinjiza ibibazo bijyanye n'ibidukikije muri za Politike, imishinga, gahunda na programu z'amajyambere hagamijwe gucunga ku buryo bunoze no gukoresha neza umutungo w'ibidukikije mu rwego rwo kongera umusaruro hagamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturarwanda.

b) Guhuza ishyirwa mu bikorwa rya Politike ya Guverinoma n'ibyemezo bifatwa n'inama y'ubuyobozi no kwinjiza ibibazo by'ibidukikije mu igenamigambi ry'igihugu, muri servisi n'inzego zo muri Guverinoma zirebwa n'ibyo bibazo.

c) Kugira inama Guverinoma ku byerekeye amategeko n'izindi ngamba zerekeranye no gucunga ibidukikije cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'ibidukikije igihe cyose bibaye ngombwa.

d) Kugira inama Guverinoma ku byerekeranye na politike n'ingamba z'ibidukikije.

5.3 Uruhare rw'imiryango itegamiye kuri Leta n'abikorera ku giti cyabo mu ishyirwa mu bikorwa rya Politike y'Ibidukikije.

Imiryango itegamiye kuri Leta igira uruhare runini mu gushishikariza no gukangurira abaturage ibibazo by'ibidukikije. Bityo ikunganira inzego za Leta kandi igafasha abatishoboye mu kwita ku bidukikije mu majyambere y'igihugu.

Abikorera ku giti cyabo nabo bahamagarirwa kugira uruhare runini mu kurengera ibidukikije babyitaho mu bikorwa byabo byose nk'iby'ubucuruzi, inganda n'ubukorikori.

Guverinoma izihatira guha urubuga rw'ibanze abikorera ku giti cyabo mu bikorwa byose nk'iby'ubucuruzi, inganda n'ubukorikori.
Guverinoma izihatira guha urubuga rw'ibanze abikorera ku giti cyabo mu ishyirwa mu bikorwa rya politike y'ibidukikije hagamijwe kuyigeza ku miryango n'amashyirahamwe akorana buri gihe n'abaturage mu duce twose tw'igihugu. Urubuga runini ruzaharirwa kuganira, kungurana ibitekerezo, kujya impaka, amahugurwa no kongera ubushobozi.

5.4 Igenzura n'isuzuma

Kugira ngo hamenyekane kandi hasuzumwe ingaruka z'ibikorwa bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya politike y'ibidukikije, ibikorwa by'igenzura n'isuzuma bizakorwa. Ingingo nkuru

n'ingamba bizagenda bivugururwa hakurikijwe impinduka zizabaho. Ikindi kandi ni ngombwa gusuzuma ingamba n'ibyagezweho uko ubushobozi bwagiye buboneka n'ukuntu programu n'imishinga byo kurengera ibidukikije byagiye bishyirwa mu bikorwa. Muri urwo rwego, uburyo bwo gukurikirana no gusuzuma ibyagezweho ni ngombwa kugira ngo ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibidukikije gikore neza.

Niyo mpamvu, hagomba gushyirwaho uburyo bwo gusuzuma no kugenzura ubushobozi bw'icyo kigo no kureba ko programu n'ibikorwa byacyo bifite uburyo bugezweho bwo gucunga no kubika amakuru agezweho.

Hagomba kandi gushyirwaho ibipimo by'uko programu n'ibikorwa biteza imbere kandi hagasobanurwa neza intego na gahunda z'ibikorwa bya buri mwaka.

Bizaba kandi ngombwa kongera ubushobozi bw'Uturere n'Imijyi n'Inzego z'Ibanze mu bikorwa byo gusuzuma no kugenzura.

Gutegura no gutangaza raporo za buri gihe zerekana imiterere y'ibidukikije mu rwego rw'igihugu no mu nzego zegerejwe abaturage bizafasha mu gusuzuma intambwe zatewe mu kurengera no gucunga ibidukikije no gufata ibyemezo mu gihe cyose bibaye ngombwa.

5.5 Kwegereza ubuyobozi abaturage no gucunga ibidukikije.

Guverinoma y'u Rwanda yemeje politike yo kwegereza ubuyobozi abaturage n'imiyoborere myiza akaba ari uburyo bwo guha abaturage uruhare mu miyoborere y'igihugu, kudakorera mu bwiru, kwita ku shingano, gukora neza no kurwanya akarengane. Ni muri urwo rwego politike yo kwegereza ubuyobozi abaturage n'imiyoborere myiza ikurikizwa mu Rwanda ifite intego zo kubongerera ubushobozi kugira ngo habeho amajyambere yita ku bakene, ateza imbere umutegarugori, arengera kandi asubiranya ibidukikije kandi yongera amahirwe yo kubona imirimo n'ubundi buryo bwo kubaho.

Politike yo kwegereza ubuyobozi abaturage n'imiyoborere myiza yashyizweho mu Rwanda iha ububasha busesuye inzego zegereye abaturage arizo Uturere n'Imijyi mu nzego z'ubukungu, politike n'ubuyobozi.

Itegeko n° 04/2001 ryo ku wa 13/01/2001 rishyiraho imitunganyirize n'imikorere y'Uturere n'Imijyi rishyiraho inshingano zazo .

Uturere n'Imijyi bifite inshingano mu rwego rw'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba. Izo nzego zishinzwe kandi imitunganyirize y'imijyi n'icyaro, igenamigambi ry'imijyi, isuku y'imihanda, gutanga amazi meza, imiyoboro y'imyanda n'imisarane, gukusanya imyanda, gutunganya no kwikiza ibishingwe, gutunganya imbuga z'ubuhumekero, gutunganya za Pariki n'ahantu abantu bidagadurira, kurengera no gucunga ibidukikije.

Komite z'Uturere n'Imijyi zishinzwe gucunga ibidukikije ziteganywa mu itegeko ry'ibidukikije kugira ngo zifashe mu ishyirwa mu bikorwa rya politike na programu zirengera ibidukikije mu rwego rw'ibanze.

Guverinoma mu rwego rw'igihugu izagumana inshingano zo gushyiraho politike n'igenamigambi byo mu rwego rw'ibidukikije; ishyiraho amategeko n'amabwiriza ya ngombwa, ikora isuzuma n'ingenzura, ihugura kandi inakangura abaturage, igenzura ibidukikije inagira inama inzego zegereye abaturage igihe zibikeneye.

Naho Guverinoma yo mu rwego rwegereye abaturage ishinzwe gushyira mu bikorwa politike, amategeko n'amabwiriza yerekeye ibidukikije kandi ishinzwe buri munsi kurengera ibidukikije biri mu bwatsi bwayo.